# DEMOB Rwanda magazine

# Y'Igihembwe

2019 Vol 1



## Gutahuka mu Rwanda kw'abari abasirikare: Ibi bisobanuye iki ku birebana no gushimangira amahoro mu Karere k'Ibiyaga Bigari?

include items that are designed to coordinate with the overall look of your document. You can use these galleries to insert tables, headers, footers, lists, cover pages.

## Kwizihiza imyaka 25 yo kwibohora Urugendo rwo kwiyibutsa ibihe byahise bidasanzwe

# IJAMBO RY'IBANZE

Ni ibyishimo kuri twe gusangira namwe Ikinyamakuru DEMOBRWANDA gisohotse ku nshuro yacyo ya mbere muri uyu mwaka. Iki kinyamakuru ni umuyoboro wo kugaragarizamo iterambere ry'ibikorwa byacu, ndetse n'ibyagezweho mu ishyirwa mu bikorwa ry'ibyo Komisiyo y'igihugu yo Gusezerera no gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare (CNDR/RDRC) yemeye kuzakora muri manda yayo.

Dukomeje rero gukorana umuhate kugira ngo twimakaze amahoro n'umutuzo mu karere k'Ibiyaga Bigari, dushingiye ku byo gahunda yo Kwambura intwaro, Gusezerera no gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare (DDR: Disarmament, Demobilization and Reintegration) yagezeho birebena n'imitwe yitwaje intwaro ikomoka mu Rwanda ndetse no kugabanya ingano y'igisirikari cy'u Rwanda.

Mu mpera z'umwaka wa 2018 ndetse no mu ntangiriro z'uyu, twagize ibihe byiza cyane ku birebena no gushyira mu bikorwa gahunda zacu. Nabibutsa ko mu Gushyingo 2018, twakiriye abahoze mu mitwe yitwaje intwaro hamwe n'imiryango yabo bagera ku 1560 bavuye mu mashyamba ya Repubulika ya Demokarasi ya Congo. Ugutahuka mu gihiriri kw'abo bahoze mu mitwe irwanya Leta y'u Rwanda hamwe n'imiryango yabo mu gihe gito, byaherekejwe n'ibibazo bitari bike, ariko kandi byanatumye tubyigiraho.

Uko gutahuka kandi kugaragaza akamaro k'ibitangazamakuru bya Komisiyo y'igihugu yo Gusezerera no gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare ndetse n'ingufu zakoreshejwe mu bukangurambaga, n'imikoranire n'abandi bantu. Mbere, ikibazo twari dufite cyari umubare muto w'abantu batahukaga. Kubera ingufu z'ububanyi n'amahanga n'uburyo bwo gukurikirana ibikorwa byahagarikiye ishyirwamubikorwa ry'itahuka ry'abahoze mu mitwe y'inyeshyamba yabarizwaga muri Repubulika ya Demokarasi ya Congo, itahuka mu gihiriri ry'abahoze ari abarwanyi n'imiryango yabo birakomeza kugenda bituma intego twihaye tuyigeraho. Twishimiye kandi kubabwira ko twashoboye gushyira mu bikorwa ibyo gahunda yo Kwambura intwaro, Gusezerera no gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare yadusabaga ku buryo bushimishije.

Muri iyi nimero, turavuga ku bikorwa byakozwe kugeza ubu ndetse n'amasomo ashimishije twabyigiyemo.

Murakoze

# IBIKUBIYEMO

page

Ijambo ry'ibanze 2

Ibikubiyemo 3

Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare n'Umujyi wa Kigali bateguye inama y'ubukangurambaga 4

Gutahuka mu Rwanda kw'abari abasirikare:
Ibi bisobanuye iki ku birebana no gushimangira amahoro mu Karere k'Ibiyaga Bigari? 7

Kwigarurira imitima, kwemeza intekerezo : 14
Ibyashoboka ndetse n'ingorane mu gusubiza mu buzima busanzwe abatahutse mu kiciro cya 65

Kwizihiza imyaka 25 yo kwibohora;
Urugendo rwo kwiyibutsa ibihe byahise bidasanzwe 19

Gushimangira imibanire y'abantu biciye muri siporo
Ibikorwa bya siporo bya RDRC mu mwaka wa 2019 byarangiye neza! 31

Gusangira ubumenyi, Kubaka ubushobozi mu rwego rwo kwimakaza amahoro:
Inama yahuje RDRC/JICA ku kwimakaza amahoro yabereye i Kigali 34

Inkunga ya RDRC ku makoperative mu gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare mu rwego rw'imibereho myiza n'ubukungu
Kugaragaza amahirwe, no kongera ubushobozi 37

Igihe cyose twemera ko hari ibidukumira tugomba kubirenga
Gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare bamugariye ku rugamba 41

Kubyaza inyungu ubufatanye kugira ngo tubasubize mu buzima busanzwe 43
Imbuto zo gushyira hamwe

Ikiganiro Umuyobozi wa RDRC yagiranye na DemobRwanda 45

# Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare n'Umujyi wa Kigali bateguye inama y'ubukangurambaga



***Lt. Col. Evariste Rugangazi na Brig.Gen. Peter John Bagabo baganira n'abari abasirikare ku birebana n'isubizwa mu buzima busanzwe***

Igikorwa cyo gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare gishobora kugorana by'umwihariko mu bice by'imigi. Kubera iyo mpamvu kiba gikeneye uburyo buhamye kandi buhoraho bwo kugishyigikira no kugikurikirana iterambere ryabo mu buzima bwabo bwa buri munsi. Niyo mpamvu ku wa 31 Nyakanga 2019, Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare ku bufatanye n'Umujyi wa Kigali bateguye inama y'umunsi umwe yo gusubiza mu buzima busanzwe no gukora ubukangurambaga yabereye mu cyumba cy'inama cy'Umujyi wa Kigali.

Iyo nama yahurije hamwe abagabo 77 n'abagore 53 bahoze ari abarwanyi mu mitwe yitwaje intwaro ndetse n'abo bashakanye bo mu Turere twa Kicukiro, Gasabo na Nyarugenge, Uturere dutatu tugize Umujyi wa Kigali. Abari bitabiriye inama batoranyijwe hashingiwe ku bari mu kiciro cya mbere n'icya kabiri cy'Ubudehe; kuko nibwo buryo bwashyizweho bwo gushyira mu byiciro abantu hakurikijwe imibereho y'imiryango yabo. Ubwo buryo kandi bwo gushyira abagenerwabikorwa mu byiciro nibwo bugenderwaho mu kureba uburyo ubukene bwagabanuka mu Rwanda, kandi ubushakashatsi bwagaragaje ko abanyarwanda bari muri ibi byiciro baba bashobora kugwa mu bukene bukabije uko iminsi igenda yisunika.

Mu ijambo rye atangiza inama, Brig Gen. Peter John Bagabo, yongeye kwibutsa akamaro ko gukomeza kugirana ibiganiro n'abahoze ari abarwanyi ndetse n'abandi bafatanyabikorwa bireba. Yavuze ko ari iby'agaciro kanini kumenya uko abahoze ari abarwanyi bitwara muri iyo gahunda yo gusubira mu buzima busanzwe, kugira ngo bikomeze kubera urumuri gahunda za Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no Gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare. Amakuru y'ibanze abo bahoze ari abarwanyi batanga ku birebana no

kubasubira mu buzima busanzwe bifasha Komisiyo gukomeza gutunganya neza gahunda zayo nk'uko Komiseri muri Komisiyo yo Gusezerera no Gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare, Brig. Gen. Bagabo yabibwiye abari bitabiriye inama. Avuga ko ari byiza guha umwanya uhagije ibikorwa byo gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare harebwa cyanecyane ibibazo birebana n'ibikoresho n'amafaranga Leta igomba gukemura, noneho hagakorwa amahitamo y'ibigomba gukorwa. Ayo mahitamo rero aba meza iyo abantu bicaye hamwe bakajya impaka ku bibazo bafite nk'uko yabivuze.

Abitabiriye inama bamenyeshejwe ko Leta y'u Rwanda ifite muri gahunda yayo gukomeza gukora ku buryo imibereho yabo iba myiza ndetse no kubafasha gukomeza kurwanya ubukene. Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no Gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare ihangayikishijwe cyane no gukorana umwete kugira ngo ibyo bigerweho. Hagaragajwe ko uko byamera kose abari abasirikare bafite uruhare runini kugira ngo ibikorwa bya Komisiyo bigerweho. "Ntabwo mugomba gukomeza kwifata nk'abagenabikorwa basanzwe, ahubwo mugomba kwifata nk'abafatanyabikorwa. Inkunga Komisiyo ishobora kubaha ntabwo ihagije na mba"; nk'uko abari bitabiriye inama babibwiwe.



**Abakurikiranye inama bateze amatwi mu nama y'umunsi umwe yabereye mu cyumba cy'inama cy'Umujyi wa Kigali**

Abitabiriye inama bagaragaje ko bitewe n'ubunararibonye bafite ku ntambara zitandukanye bagiye bacamo mu bihe byashize bagize ibibazo by'ihungabana, rimwe na rimwe bikabagora gukora. Bamwe bagaragaje ko bakeneye amacumbi kubera ibibazo byihariye bireba imiryango yabo; bafite abana benshi, bikaba bibagora kubona aho babacumbikira mu mugi. Bibazaga icyo Komisiyo yabasha kubakorera. Banagaragaje kandi ko bafite ingorane zirebana no gushaka akazi.

Mu kubasubiza Vera Mukesha, Umukozi wa Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no Gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare, ushinzwe gusubiza mu buzima busanzwe mu Mujyi wa Kigali, yagize ati "Ni byiza kuba mugaragaje icyo kibazo. Niyo mpamvu twabatumiye hamwe n'abo mwashakanye. Ubuzima ni nk'intambara, kandi mugomba kuyirwana

mufatanyije n'abo mwashakanye. Mu buzima bwanyu bw'intambara mwashoboraga kwishimisha cyangwa se mugata n'urugamba ariko mu rugamba rw'ubuzima ibyo ntimwabikora. Mugomba kwihatira kurwanya ubukene n'ubujiji kandi amahirwe mato mubonye mugomba kumenya kuyabyaza umusaruro".

Yakomeje agira ati "Cyo ngaho nimutekereze mubana n'abagore banyu mu gihe kirenga imyaka irindwi, mufitanye abana barenga batatu nyamara bamwe muri mwe banze gusezerana imbere y'amategeko. Mugomba kubyaza umusaruro amahirwe iyi gahunda yo kubasubiza mu buzima busanzwe ibaha nk'abahoze ari abarwanyi. Turabasaba ko mwasezerana kuko ibyo bizazamura imibereho myiza y'urubyaro rwanyu kandi bikazabafasha no mu gihe mugiye gushaka inguzanyo muri za SACCO."

Lt. Col. Evariste Rugangazi uyobora Inkeragutabara mu Mujyi wa Kigali, yabwiye abari bitabiriye inama ko hari amahirwe menshi y'umurimo muri Kigali, by'umwihariko mu birebana n'umutekano n'ibidukikije kandi bakaba bashobora kubyungukiramo. Yababwiye kandi ko ababishinzwe bahawe amabwiriza ko bagomba guha amahirwe angana abari abasirikare bose basubijwe mu buzima busanzwe, gusa ababwira ko kuba bamwe muri bo bagaragaza intege nke mu kwitabira iyo mirimo atari ikintu cyo kwishimira. Yababwiye kandi ko buri gihe bagomba gutanga urugero rwiza mu birebana n'imyitwarire.

Umukozi Ushinzwe Imibereho Myiza n'Ubukungu mu Mujyi wa Kigali yabwiye abari bitabiriye inama ko umuryango ari ryo shingiro ry'igihugu. Amaze kumva impamvu aba bahoze ari abarwanyi batitabira gusezerana n'abo bashakanye imbere y'amategeko cyanecyane bishingiye ku ibura ry'amafaranga ndetse no kumara igihe kinini basiragira mu buyobozi, yabijeje ko niba Komisiyo y'Igihugu yo Gesezerera no Gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare ishobora gutegura abifuza gusezerana imbere y'amategeko, Umujyi wa Kigali uzabafasha kubasezeranya nta kiguzi na kimwe batanze. Yanabamenyesheje kandi ko amafaranga agomba kubafasha muri gahunda yo kugabanya ubukene yabonetse, yageze mu Mirenge mu rwego rwa VUP kandi ko bazayahabwa hakurikijwe ibyiciro byabo by'ubudehe. Yananabwiye ko bashobora no kwisunga Ikigo cya BDF kugira ngo kibafashe gukora imishinga hanyuma bakayitanga muri za SACCO kugira ngo babashe kubona inguzanyo.

Brig. Gen. Peter John Bagabo yasoje inama asaba abayitabiriye gushyira imbaraga nyinshi mu kugerageza kuzamura imibereho yabo ndetse n'imiryango yabo. Yongeye kubibutsa akamaro ko gukomeza gucunga neza ibyo iba yabakoreye abasaba ariko nabo gukomeza gushakisha andi mikoro yatuma bakomeza kwiteza imbere. Yagize ati "Komisiyo iraguherekeza ariko ntimujyana".

**"Ndashimira Komisiyo hamwe n'Umujyi wa Kigali kuba badutumiye muri iyi nama. Inama mwaduhaye zizadufasha cyane mu guhindura ubuzima bwacu. Kudasezerana imbere y'amategeko byakomeje kuba ipfundo ry'amakimbirane hagati yacu n'abo twashakanye. Tuvuye hano twiyemeje ko tugiye kubyaza umusaruro amahirwe mwaduhaye kugira ngo tubane mu buryo bwemewe n'amategeko."**

Hakizimana utuye i Kagugu.

## Gutahuka mu Rwanda kw'abari abasirikare:
## Ibi bisobanuye iki ku birebana no gushimangira amahoro mu Karere k'Ibiyaga Bigari?
## Abari abasirikare batahutse mu rwego rw'ibiganiro i Mutobo



**bitandukanyije n'imitwe yitwaje intwaro batahutse bari mu biganiro mu kigo cyo gusubiza mu buzima busanzwe cya Mutobo**


Mu mpera z'Ugushyingo 2018, habayeho gutahuka ku bwinshi kw'abari abasirikare mu mitwe yitwaje intwaro hamwe n'imiryango yabo bava muri Repubulika ya Demokarasi ya Kongo banyuze mu Turere twa Rubavu na Rusizi. Abatahutse 1549 bakiriwe na Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no Gusubiza mu buzima busanzwe abari absirikare, mu Kigo cyayo cya Mutobo no mu bindi Bigo bakiriwemo bya Nyarushishi na Nyanza. Ryari itsinda rinini rishoboye gutahuka kuko ryari rikubye gatatu abatahutse mu mwaka wa 2017. Turagerarageza gusesengura icyateye iri tahuka ku bwinshi, tunagaragaze impamvu ari ngombwa ko Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no Gusubiza mu Buzima busanzwe abari abasirikare mu kazi ishinzwe igerageza kwimakaza amahoro mu Rwanda no mu Karere k'Ibiyaga Bigari.

Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no Gusubiza mu Buzima busanzwe abari abasirikare (CNDR/RDRC), isezerera kandi ikanasubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare guhera mu 1997 kugira ngo ishobore kugera ku ntego zayo zo gushimangira amahoro mu Karere k' Ibiyaga Bigari no guteza imbere ubumwe bw'Abanyarwanda. Gahunda yo gusezerera no gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare yagenze neza rwose. Abamaze gusezererwa no gusubizwa mu buzima busanzwe barenga 80.000 bari abasirikare uko ibihe byagiye bisimburana kandi ishyiraho uburyo buhamye muri gahunda yo Kwambura intwaro, Gusezerera no gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare.

Ikiciro cya 65 cyo cyaje kihariye. Kugeza icyo gihe Komisiyo ntiyari yarigeze yakira umubare w'abari abasirikare ungana utyo bagarutse mu rwababyaye hamwe n'imiryango yabo. Umuntu yavuga ko bari bakabije kuba benshi rwose! Aha rero umuntu akaba yakwibaza ati "ni gute ibi byaje?"

Turaza kurebera hamwe zimwe mu mpamvu zatumye aba bari abasirikare batahuka ku bwinshi kandi turi burebere hamwe amasomo dushobora gukura muri iri tahuka n'iyakirwa ryabo.

**Abitandukanyije n'imitwe yitwaje intwaro batahutse kuva muri 2016**




**Inyungu za dipolomasi yo ku rwego rwo hejuru no guhindura uburyo bwakoreshwaga byatanze umusaruro…**

Uretse uburyo bwo guhanahana amakuru bwakoreshejwe na Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no Gusuiza mu buzima busanzwe abari abasirikare bwari bwaragize uruhare rufatika mu kumvisha abahoze mu mitwe yitwaje intwaro gutahuka mu gihugu cyabo, gutahuka ku bwinshi kw'abari abasirikare ni imbuto z'umusaruro uturuka ku gukorana neza n'abafatanyabikorwa bose bireba. Iryo tahuka ni umusaruro uturuka ku ishyirwa mu bikorwa mu rwego rw'amahoro, umutekano n'ubutwererane (CPS) kuri Repuburika ya Demokarasi ya Kongo (DRC) ishyize hamwe ibihugu 13 byo mu karere hamwe n'izindi nzego zidufasha nk'Umuryango w'Abibumbye, Afurika Yunze Ubumwe, Inama Mpuzamahanga ku Karere k'Ibiyaga Bigari (ICGLR/CIRGL) n'Umuryango w'Iterambere wa muri Afurika y'Amajyepfo (SADC).

CPS yavuguruye ibyo yari yariyemeje birebana n'ubusugire bw'ibihugu, ubutwererane mu karere, ubuyobozi n'ubucamanza ndetse hakanakurikiranwa ibyaha by'intambara. Ariko igikorwa k'ingenzi muri urwo rwego cyabaye icyo:

**"Guha ubutumwa bukakaye abarwanyi bose b'abanyamahanga ko bagomba kurambika intwaro harimo n'abo muri FDRL kandi berekwa ko nta yandi mahitamo bafite atari ugusubira mu bihugu byabyo by'amavuko."**



***bari abasirikare baruhuka mu kigo cyo gusubiza mu buzima busanzwe cya Mutobo***

Ibi byahinduye uburyo twakoreshaga. Mbere hakoreshwaga imbaraga cyangwa se kugerageza kubumvisha hakoreshejwe uburyo bwa politiki bigatanga umusaruro udahagije, ariko ubu hakoreshejwe uruvange rwa byose. Gutsinsura imitwe yitwaje intwaro no gucyura abarwanyi bamaze kwamburwa intwaro ba FDLR nta mpamvu n'imwe yitwajwe byashyizwe imbere maze hashyirwaho itariki ntarengwa y'Ukwakira 2018. Ibi byabaye nyuma y'uko abahoze ari abarwanyi ba FDLR bari barambitse intwaro hasi mu 2014 bakaba bari bashyizwe mu nkambi zitandukanye nyuma y'aho bangiye gutaha mu Rwanda kandi bari baremerewe kuzafatwa neza batahutse.

*"U Rwanda rwagize iterambere ridasanzwe muri iyi myaka ya nyuma. Gushimangira amahoro n'ituze mu karere ni ibintu by'ingenzi kugira ngo igihugu gikomeze kuzamuka mu bukungu no kugerageza kuzamura imibereho y'abanyarwanda."*

*Yasser El Gammal, Uhagarariye Banki y'Isi mu Rwanda.*

Itsinda rya mbere ry'abarwanyi 11 ba FDLR barambitse intwaro hasi ryatahukanywe ku ngufu muri Mata 2018 bavanywe mu nkambi ya Walungu. Nyuma yaho abandi 52 hamwe n'imiryango yabo bizanye ku bushake bwabo basaba ko batahuka mu gihugu cyabo. Ibi byatumye umubare w'abahoze ari abarwanyi ba FDLR batahutse ugera kuri 98 biciye muri icyo gikorwa cyo gukurikirana; biduha ikizere ko igihe twakora igikorwa gifatika kandi kigaragara gutahuka ku bushake nta gahato byatangira gutekerezwaho.

**"...i Kanyabayonga abaturage bari mu byishimo kuva aho abahoze ari abarwanyi batahukiye, bari birunze aho bari bakambitse ku wa gatatu mugitondo basenyagura iyo nkambi burundu ndetse ari nako bakora ibirori...." i kinyamakuru Top Afrique News, 22 Ukwakira 2018**



*Abatahutse bakina umupira I Mutobo*



# Itahuka ry'abahoze ari abarwanyi; uruhare mu gushimangira amahoro mu karere.....



*Abari abasirikare batahutse n'imiryango yabo*

Guhuriza hamwe uburyo bwo gusobanurira abahoze ari abarwanyi no kubumvisha ibyiza byo gutaha mu gihugu cyabo ndetse n'ubw'imbaraga byatanze umusaruro. Itsinda rihuriweho ryo gukurikirana ibikorwa rya Gahunda y'amahoro, Umutekano n'Ubutwererane (CPS), ryasuye abo bahoze ari abarwanyi ribereka ko iyo gahunda yo kubasubiza mu buzima busanzwe ihuye nezaneza n'amabwiriza mpuzamahanga biciye mu zindi gahunda zisanzwe ziriho. Urugero nka Gahunda y'Igihugu yo Kwambura Intwaro, Gusezerera no Gusubiza mu buzima busanzwe ya Repubulika ya Demokarasi ya Kongo (PNDDR) na Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no Gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare (RDRC/CNDR).

Mu mpera z'Ukwakira 2018 abategetsi ba Kongo bashingiye ku masezerano bagiranye na Leta y'u Rwanda bacyuye abarwanyi 1392 bahoze ari aba FDLR hamwe n'imiryango yabo, bivuye ku kemezo cyo gufunga inkambi za Kanyabayonga, Kisangani na Walungu mu Burasirazuba bwa Repubulika ya Demokarasi ya Kongo. Abandi barwanyi 242 bahoze ari aba FDLR bari bafungiwe muri Gereza ya Angenga mu Ntara ya Ekwateri, na bo bagaruwe mu gihugu cyabo baciye mu kigo cyo gusuziba mu buzima busanzwe cya Mutobo. Ni byiza rero kumenya uko abo bahoze ari abarwanyi batahuwe bazafatwa igihe bageze iwabo.

## Igihe cyose hazaba hariho abarwanyi mu karere n'iyo baba mbarwa, umutekano uzaba ugerwa ku mashyi.

Umuyobozi wa RDRC

Gutahuka kw'abahoze ari abarwanyi mu mitwe yitwaje intwaro hamwe n'imiryango yabo byatumye Uburasirazuba bwa Repubulika ya Demokarasi ya Kongo butekana. Ibi kandi byahaye umwanya Leta ya Repubulika ya Demokarasi ya Kongo kugira ngo ishobore kuyobora utwo duce aba barwanyi bari barigaruriye. Kubura kwa Leta igendera ku mategeko, kubura kirengera ku baturage basanzwe cyanecyane ku ruhande rwa FDLR bifatwa nk'impamvu nyamukuru yazanye amakimbirane mu Burasirazuba bwa Kongo. FDLR igaragazwa nka Leta iri mu yindi Leta kandi yihaye ububasha nk'ubwa Leta yemewe.

Abagize FDLR bakomeje kugenda bigaragaza nka ba kidobya ba gahunda yo gushimangira amahoro muri Repubulika ya Demokarasi ya Kongo. Indi mitwe myinshi na yo yitwaje intwaro ibarizwa mu Burasirazuba bwa Kongo yemeje ko yagiye ishingwa kugira ngo igerageze kurinda abaturage ibitero bya FDLR hamwe n'indi mitwe yitwaje intwaro y'abanyamahanga. Mu gutsinsura FDLR impamvu yabo yo kubaho yafashwe nk'idafite ishingiro hanyuma bazamburwe intwaro akarere gasigare gafite amahoro.

U Rwanda rumaze kwakira abantu hafi 80.000 baturutse mu Burasirazuba bwa Kongo bari barabujijwe gutaha iwabo mu gihugu cyabo kubera kubura umutekano, byatewe n'imitwe yitwaje intwaro yakomotse mu Rwanda. Iyo mitwe yarezwe guhohotera Abanyekongo. Kuyitsinsura rero byatuma amahoro arambye agaruka mu karere.




*Inzu z'impunzi z'abanyekongo mu nkambi ya Kigeme, mu karere ka Nyamagabe, Intara y'Amajyepfo*

Ku ruhande rw'u Rwanda, igihe cyose iyi mitwe izaguma muri Repuburika ya Demokarasi ya Kongo nk 'igihugu duturanye, umutekano uzahora ubangamiwe. Mu kubigaragaza, iyo mitwe yateguye ibitero byinshi ku Rwanda. Mu kwezi k'Ukuboza 2018, abarwanyi ba FDLR biyita Abacunguzi bacengeye mu Rwanda baciye ku mupaka mu Murenge wa Busasamana mu Karere ka Rubavu mu Rwanda bica abasirikari batatu b'u Rwanda.

Ikibatsi cy'amahoro kigaragarira ku gutahuka k'umubare munini w'abahoze mu mitwe yitwaje intwaro; ubu bafite uruhare mw'iterambere. Abahoze ari abarwanyi batahutse basubijwe mu buzima busanzwe uko imyaka yagiye isimburana, ubu bakaba barimo gutanga imbaraga mu guteza imbere igihugu cyabo. Itahuka ry'abahoze ari abarwanyi byatumye u Rwanda rutera imbere mu bukungu. Mu gihe kandi abahoze ari abarwanyi batahutse ari umubare munini bituma n'uburyo bwo kubasubiza mu buzima busanzwe byoroha, kuko bisaba ikiguzi gito.

Gahunda yo gusezerera no gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare (RDRP/PNDR) ikora mu mpande zose zatuma amahoro ashimangirwa nko gushyira mu bikorwa ihame ryo «kutagira nabi» kugira iyi gahunda iyayo, gushyira mu bikorwa ibikorwa mu nzego z'ibanze cyanecyane baha abagenerwabikorwa amahitamo arebana no gusubira mu buzima busanzwe ndetse n'amahitamo y'aho batura. Ugutahuka kw'abahoze mu mitwe yitwaje intwaro hamwe n'abagize imiryango yabo bizatuma iyi gahunda iba iy'agaciro gakomeye cyane. Duhereye ku buryo ikiciro cya 65 cy'abahoze ari abarwanyi batahutse byaba byiza hanarebwe uburyo bakiriwe bakanaherekezwa kugeza basubiye mu buzima busanzwe.




***Abashakanye n'abari mu mitwe yitwaje intwaro bakirwa mu bigo by'agateganyo bya Nyanza na Nyarushishi mu kwezi k'Ukuboza 2018***

# Kwigarurira imitima, kwemeza intekerezo :

## Ibyashoboka ndetse n'ingorane mu gusubiza mu buzima busanzwe abatahutse mu kiciro cya 65



Ikiciro cya 65 nticyari giteye nk'ibindi byakibanjirije Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare yakiriye, kuko cyaje ari itsinda rigizwe n'abantu benshi. Abahoze mu mitwe y'abarwanyi batahutse ari benshi, kandi mu gihe gito bavuye mu turere dutandukanye twa Repubulika ya Demokarasi ya Kongo. Bose baje batabishaka babihatiwe ndetse hari n'abambitswe amapingu. Uburyo bakiriwe, n'uko bafashwe byatumye basubiza umutima mu nda kandi bitanga ubutumwa bw'ingenzi ku bandi barwanyi bari basigaye mu mashyamba yo muri Repuburika ya Demokarasi ya Kongo. Ubushakashatsi ku birebana n'imyitwarire ya muntu bugaragaza ko uburyo n'imyitwarire by'uwo muganira buguha umurongo w'uburyo nawe witwara n'uburyo ubona ibintu. Ngiyo impamvu ubu buryo bwo "kwigarurira imitima n'intekerezo" ari bwo bwakoreshejwe na Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare kuri abo bari batahutse.

### Gucyura abahoze ari abarwanyi

Abatahutse mu kiciro cya 65 baje mu minsi myinshi kuko batangiye kuza guhera tariki ya 20 kugeza ku wa 27 Ugushyingo 2018. Baje bava muri Kivu y'Amajyepfo. Abagera kuri 202 bahoze ari abarwanyi ba FDLR n'abagize imiryango yabo bavuye Walungu muri Kivu y'Amajyepfo, abandi 314 bahoze na bo ari abarwanyi ba FDLR n'abagize imiryango yabo bavuye i Kanyabayonga na Nyamilima, bari basanzwe baravuye i Kisangani ndetse no mu Ntara ya Ekwateri, no muri Gereza ya Angenga.

Nyuma yo gukora urugendo rukomeye, bakiriwe na Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no Gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare, bacumbikiwe mu kigo cyo Gusubiza mu buzima busanzwe cy'i Mutobo. Ababishinzwe kandi bakiriye abandi mu nkambi z'agateganyo za Nyarushishi na Nyanza.

Aba bose bakiranywe urugwiro na Madamu Mukantabana Selafina, Umuyobozi wa Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no Gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare.

*«Murakaza neza mu gihugu cyanyu cy'u Rwanda. Hari amahirwe menshi kuri mwe yo kongera kwiyubaka no kugira uruhare mu iterambere ry'u Rwanda. Mwiyumve nk'abari mu rugo iwanyu kandi natwe tuzakomeza kubaba hafi muri uru rugendo.»*

*Madamu Mukantabana Selafina, Umuyobozi wa RDRC*

Kubwira abahoze ari abarwanyi ko Komisiyo izababa hafi muri gahunda yo kubasubiza mu buzima busanzwe kandi atari amagambo gusa yo kubakira Umuyobozi wa Komisiyo yababwiraga; ahubwo bwari n'uburyo bushya Komisiyo yari irimo igerageza kugira ngo irebe umusaruro buzatanga.

***«Kwiyegereza abahoze mu mitwe yitwaje intwaro ni uburyo bushyashya Komisiyo ikoresha dutegereje rero twihanganye kugira ngo turebe aba bahoze ari abarwanyi uko bazaba bitwaye mu gihe kingana nibura n'imyaka ibiri", nk'uko Mukantabana yabivuze.***

**…mu kigo gitangirwamo amahugurwa…**

Abahoze mu mitwe yitwaje intwaro batahutse baje bafite ubwoba bwinshi. Ntabwo bari bazi uburyo bazakirwa, ariko bumvaga byanze bikunze bazakirwa nabi. Bamwe bari bararambitse hasi intwaro mu 2014 banga gutahuka. Uko kubura ikizere byagaragazaga neza ikibazo POPD (Programme d'Orientation Préalable au Départ) yari igiye guhura nacyo

***«Twabonaga neza ko mu Rwanda bazatwakira nabi. Murabizi ko twari muri gereza muri Ekwateri kandi tutari twarigeze dufatwa neza. Twatekerezaga ko tugaruwe mu Rwanda kugira ngo dufungwe. Nyamara tugeze hano mu Rwanda twakiriwe neza kandi dufatwa neza.»***

Igikorwa cya mbere abakozi ba Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no Gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare bakoze mu Kigo cya Mutobo, ni ukwakira neza aba bahoze ari abarwanyi mu mitwe yitwaje intwaro, babaha iby'ibanze bikenewe nk'aho kurara, ibiryamirwa, imyambaro, ibiribwa, ndetse n'ibikoresho by'isuku. Bamaze gutuza neza bagiye babaha n'imiti, n'izindi nama zitandukanye mu rwego rwo kubategurira kuzasubira mu buzima busanzwe ari byo bita POPD.

.

***«N'ubwo ntacyo bababwiye namwe muzi neza imyaka mwamaze hanze y'igihugu. Ubu muribaza uko muzabaho nyuma y'imyaka makumyabiri n'itanu mutari mu Rwanda? Muti 'nzabaho gute? Nzakura hehe uburyo bwo kubona amafaranga? Nzahera he? N'ubwo nta bwoba bwo kwicwa mufite ariko buri gihe muzajya mwumva mufite ubwoba.»***

### Gutegurira abari abasirikare gusubira mu buzima busanzwe

Mu rwego rwo kwitegurira gusubira mu buzima busanzwe hatabayeho kugongana n'abo basanze mu giturange, Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no Gusubira mu buzima busanzwe abari abasirikare, iha abagenerwabikorwa gahunda isobanutse yitwa POPD ubu akaba ari uburyo butuma aba barwanyi hamwe n'abagize imiryango yabo babasha gusubira mu buzima busanzwe nta kibazo kibaye. Iyi gahunda iha aba bahoze ari abarwanyi amakuru ya ngombwa ku Rwanda. Bakabigisha uko bazitwara bakanababamara ubwoba kuko baba bagiye gusubira mu baturage bagenzi babo. Banabereka gahunda z'igihugu zishobora kubagirira akamaro ku rwego rw'igihugu no ku rwego rw'ibanze n'uburyo bashobora kuzigeraho.

Ubusanzwe iyi gahunda yo gutegurira abantu gusubira mu buzima busanzwe imara amezi atatu ariko byabaye ngombwa ko imara amezi atandatu, kubera uburemere bw'ibyagombaga gukorwa. Aba hahoze ari abarwanyi mu mitwe itandukanye bahawe inama ndetse banapimwa virusi itera SIDA, banahugurwa kuri gahunda yo kuringaniza imbyaro. Banahuguwe kandi banasuzumwa indwara zirebana n'ubuzima bwo mu mutwe, ndetse banahabwa n'inama zirebana n'imyitwarire umuntu akwiye kugira. Banatojwe kandi kumenya kureba aho ingufu zabo ziherereye kugira ngo abe ariho Komisiyo izahera ibafasha gusubira mu buzima busanzwe.

Abari abasirikare batahutse mu kiciro cya 65 bahawe amahugurwa atandukanye harimo nko kwihangira imirimo, gusoma no kwandika, amahugurwa y'ibanze ku ikoranabuhanga, n'amahugurwa ku bikoresho bo ubwabo bihitiyemo….

Gutegurira abari abasirikare gusubira mu buzima busanzwe nta kibazo bateje mu giturage byageze no ku bagize imiryango yabo; ibi bigatanga ikizere ko nta kibazo bazateza muri rubanda. Mu gihe abari abasirikare bakurikiraga iyi gahunda yo kubategurira gusubira mu buzima busanzwe mu Kigo cya Mutobo, abagize imiryango yabo na bo bakurikiraga amahugurwa nk'ayo i Nyanza no mu Kigo cya Nyarushishi i Rusizi.



### Guhindura ibitekerezo no gutaha

Niba urugendo rwo kuva mu nkambi zo muri Repuburika ya Demokarasi ya Kongo ruza mu Rwanda rwaratangiranye icyoba, ibihe bya nyuma bitegurira abari abasirikare kuzasubira mu buzima busanzwe byakiranywe ibyishimo. Mu gihe cy'amezi atandatu benshi muri bo, bwa mbere bari baragize uruhare ku cyo twakwita ishuri rizwi, aho bagendaga batega amatwi ababigishaga batandukanye kandi bavuga ku bintu bitandukanye ariko kandi binashoboka.

Bahereye ku mateka y'u Rwanda, ubushobozi bukenewe mu buzima, kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina, gahunda z'iterambere ry'igihugu, biri mu byo abari abasirikare bigishijwe. Bahawe n'impapuro z'umutsindo z'urwibutso ariko mu by'ukuri zibafitiye akamaro. Kuba abari abasirikare barashyizwe hamwe kandi bavuye mu duce dutandukanye, byatumye bihuza maze ubwoba bari bafite mbere buragabanuka. Iyi gahunda yatumye habaho gusura abaturage hirya no hino kugira ngo aba bahugurwaga batangire kwiyumvisha uko ubuzima busanzwe bagiye gusubizwamo buteye.

Gusoza aya mahugurwa yo gutegurira abari abasirikare gusubira mu buzima busanzwe ntibyagenze nabi. Abayobozi bakuru muri Leta, abanyamakuru, abahagarariye ibihugu byabo n'imiryango mpuzamahanga mu Rwanda, n'abandi bantu benshi bitabiriye ibyo birori. Abanyamakuru bababshije kuganira n'aba bari barangije amahugurwa; ibyo batangaje byatangaga ikizere byagaragazaga rwose ko bacengewe n'inyigisho bahawe. Ku ruhande rw'abari abasirikare bahuguriwe mu Kigo cya Mutobo batashye bishimiye aya mahugurwa, bataha baririmba mu nzira zose banyuzemo basubira mu miryango yabo biteguye gusubira mu buzima busanzwe.

*« Ibyo batwigishirije hano byari byiza….Ni ubumenyi n'ubushobozi butandukanye buzatuma tubana neza n'abandi. Ndashimira cyane abatwigishije, baratwihanganiye kandi baratwumvaga »*

*Sebasitiyani M. wari umusirikare.*

*«Amahugurwa twabonye hano yari ingirakamaro cyane. Ibi bizatuma tubana neza n'abandi banyarwanda by'umwihariko iwacu mu giturage. Ibi biraduha kandi ubushobozi bwo kwihangira imirimo dukoresheje uburyo dufite hanyuma tukazagira ubuzima bwiza aho tuzaba dutuye»*

*Yozefu N. wahoze mu mitwe yitwaje intwaro*

Komisiyo yateguye ingendoshuri mu Turere no mu Mirenge bazaturamo, kuri aba bari abasirikare mbere yo gusoza amahugurwa. Abakozi ba Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no Gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare barabaherekeje kugera iwabo kandi banakirwa neza n'abayobozi b'inzego z'Ibanze.

Buri gihe haba hari umwuka w'icyoba iyo gusubizwa mu buzima busanzwe byegereje nk'uko inyigo zimwe zabigaragaje. Aba barwanyi bari bari hamwe mu nkambi yo muri Kongo kandi bamaranye igihe gihagije. Bari barishyizemo ko kuba bari hamwe bibaha umutekano n'ubufatanye kuko bari benshi mu gihe bari mu mahugurwa bitegura gutaha. Ibyo bitekerezo rero bigenda biyoyoka iyo buri wese afashe iye nzira y'ubuzima. Ku ikubitiro abari abasirikare baguma iwabo mu ngo z'ababyeyi babo. Ariko uko bagenda binjira

buhorobuhoro mu buzima bushyashya hari ibibazo bigenda bigaragara. Ni kuri iyo mpamvu Komisiyo yo Gusezerera no Gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare igenda ibasura ikabaganiriza bikabafasha kwinjira muri gahunda yo gusubira mu buzima busanzwe.




***Abari abasirikare batahutse bateguriwe imodoka zabacyuye n'imiryango yabo***



***Abari abasirikare batahutse bahawe ibikoresho by'ibanze n'izindi mpamba***

# Kwizihiza imyaka 25 yo kwibohora;

## Urugendo rwo kwiyibutsa ibihe byahise bidasanzwe



**Ishusho y'urwibutso rwo kwibohora iri mu busitani bw'Inteko Ishinga Amategeko**

Ku itariki 4 Nyakanga 1994 u Rwanda rwizihije imyaka 25 rumaze rubohowe na APR/FPR. Ibi birajyana kandi n'imyaka 21 Komisiyo yo Gusezerera no Gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare (RDRC/CNDR) itangiye gushyira mu bikorwa gahunda yo Gusezerera no Gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare (RDRP).

Muri iyi nimero idasanzwe y'iki kinyamakuru gisohoka buri gihembe turagaruka kuri uru rugendo…

Turavuga gahunda ya Kwambura intwaro, Guserera no Gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare (DDR) mu gihe k'ibiganiro by'amahoro bya Arusha n'intumbero yo gusezerera no gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare muri icyo gihe. Turarebera hamwe amavu n'amavuko y'ikigo cyashyize mu bikorwa DDR, imbogamizi, amasomo n'umusanzu wayo mu iterambere ry'u Rwanda.

Iyi nyandiko y'amateka irabigaragaza neza kuko bivugwa n'ababibayemo mu buryo twavuga ko budasanzwe cyanecyane tubaha ijambo kugira ngo batubwire ibyababayeho muri gahunda yo gusezerera no gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare. Kugira ngo tumenye neza inzira byanyuzemo, ni ngombwa kumenya uko byari bimeze mu rwego rwa politiki, ubukungu n'imibereho myiza nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi, ibi bikazafasha abasomyi kumenya imbogamizi ndetse n'ubudasa bya DDR mu Rwanda. Ikaba rero igabanyijemo ibice bitatu.

## Kwibohora : Igikorwa nyamukuru cyabaye ku Rwanda



***Ingabo za RPA zinjira muri Kigali***

Kubohora u Rwanda mu nzara z'abacuze bakanashyira mu bikorwa umugambi wa Jenoside yakorewe Abatutsi byanga bikunda ni cyo gikorwa k'indashyikirwa cyabaye ku Rwanda rwa nyuma y'Ubwigenge. Nta muntu n'umwe utarahungabanye. Iyi ni paji mbi y'amateka igihugu cyacu cyagize, ari nabyo byatumye hari abagabo n'abagore bagize ubutwari budasanzwe bahitamo kurwana inkundura kugira ngo babohore igihugu. Ni nayo mpamvu ukwibohora gusobanuye ibintu byinshi ku bantu batandukanye.

Tugerageje kubyinjiramo nyabyo, kwibohora byari uguhagarika iyicwa ry'abantu ryakorwaga mu kivunge n'abakoraga Jenoside ndetse no kugerageza kurokora abari bakiri bazima. Ibi rero byasabye abari ingabo za APR kwitanga bidasanzwe, kurwanya igisirikari cyari gifite umubare munini w'abasirikari ndetse n'ibikoresho bihagije kandi kiri ku butaka kizi neza, kikanakoresha imitwe y'abasivili yitwara gisirikari mu kubafasha ku rugamba no kubafasha kurimbura Abatutsi. Kwibohora byari kandi kurwanya umuco wo kudahana wari warabaye akarande, ikandamiza, amacakubiri, no kwambura abantu ubwenegihugu. Ni urugamba rwari rufite intego nyamukuru yo kugarura igihugu kigendera ku mategeko kandi kita ku benegihugu kibabagezaho ibyo bakeneye. Ku bandi kwari ugushakisha igihugu umuntu yakwitirirwa kandi akakigiramo intego mu buzima yo kugikorera akita ike.

Mu gihe cyo kwibohora Abanyarwanda bakoze ibintu bitatu by'ingenzi ari byo: Kuguma hamwe, kugira ibintu ibyabo, no kureba kure. Iyo mico niyo yatumye igihugu cyongera kuvuka bundi bushya no kubasha kurenga imbogamizi zagaraga nk'aho zikomeye. Ukwibohora ni umwanya wo gusangira ayo mateka no kwiga bihagije ibyerekeranye n'ikerekezo cy'u Rwanda nk'igihugu gituje, gitemba amata n'ubuki kandi kigenga.

Kwibohora byahindutse igitekerezo. Igitekerezo k'ibyiringiro, cyo kureba ejo hazaza heza, cy'amahoro, cyo guhinduka tujya mu iterambere ry'abanyarwanda bose. Ukwibohora k'u Rwanda

kwabereye ikitegererezo ibindi bihugu bya Afurika. Nyuma yo kwibohora nibwo havutse Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no Gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare.

## DDR mu nzira y'amasezerano y'amahoro ya Arusha



*Umuhango wo gusezerera abari abasirikare mu 2007 i Duha, mu karere ka Rwamagana*

Urugamba rwo kwibohora kuva 1990- 1994 rwari rufite impamvu nyinshi, ariko iy'ingenzi kwari uko Leta yariho itemeraga ko abanyarwanda bari impunzi hirya no hino bagaruka mu gihugu cyabo; ibi bikaba byarabahezaga burundu hanze y'igihugu cyabo. Aba banyarwanda bari baragizwe ingwate y'ihohoterwa ryo ku rwego rwa politiki mbi yabayeho nyuma y'ubwigenge, kandi bakaba bari barahuye n'ingorane nyinshi mu bihugu bari barahungiyemo. Nyuma yo gutangiza intambara na bwo mu buryo bugoranye, RPA/RPF yagiye yigaragaza ku rugamba itsinda Leta yariho ari na ko iyihatira gushyikirana na yo.

Gahunda yo gutangira ibiganiro by'amahoro yatangiranye n'amasezerano yo guhagarika imirwano yabereye i N'sele tariki ya 29 Werurwe 1991 hagati ya Leta y'u Rwanda y'icyo gihe hamwe na FPR, yahinduriwe i Gbadolite tariki ya 16 Nzeri 1991 n'i Arusha tariki 12 Nyakanga 1992.

Nyuma yaho hagiye haba amasezerano atandukanye y'amahoro yatumye hanabaho Leta y'Inzibacyuho yaguye yasinyiwe Arusha tariki ya 30 Ukwakira 1992 na tariki ya 9 Mutarama 1993.

DDR no gucyura impunzi byakomeje kuba ingingo z'ingenzi mu masezerano nk'uko ibikorwa bibigaragaza.

Amasezerano y'amahoro hagati ya Leta y'u Rwanda hamwe n'Umutwe wa RPF ku gucyura impunzi no gusubiza mu byabo abantu babikuwemo yasinyiwe Arusha ku itariki ya 9 Kamena 1993.

Amasezerano y'amahoro hagati ya Leta y'u Rwanda hamwe n'Umutwe wa RPF ku gucyura impunzi no gusubiza mu byabo abantu babikuwemo yasinyiwe Arusha ku itariki ya 9 Kamena 1993.

Amasezerano y'amahoro hagati ya Leta y'u Rwanda n'Umutwe wa RPF yerekeye guhuza ingabo z'impande zombi yasinyiwe Arusha tariki ya 3 Kanama 1993

Amasezerano hagati ya Leta y'u Rwanda hamwe n'Umutwe wa RPF yerekeranye n'ibibazo bitandukanye n'ingingo zisoza yashyiriweho umukono Arusha tariki ya 3 Kanama 1993.

Kugabana ubuyobozi bw'ingabo byari mu masezerano y'amahoro ya Arusha yari ingingo ntoya ariko y'ingirakamaro mu rwego rwa politiki ngari kandi yoroshye yarangwaga no guhindagurika kw'abayobozi no gufata ibyemezo birimo kwishishanya. Amashyaka ya politiki yari amaze kujyaho na yo yamaraniraga kujya ku butegetsi. Uduco tw'abahezanguni dutoduto twagendaga twitandukanya hirya no hino mu mashyaka, kandi dushingiye ku moko. Imfu za hato na hato z'abanyapolitiki na zo zazanye umwuka wo kwishishanya muri iyo nkundura ya politiki.

Muri uwo mwuka wo kwishishanya kugabana ubuyobozi bwa gisirikari (Kubasezerera no kubasubiza mu buzima busanzwe) byari ikibazo gikomeye. Guhera mu ntangiriro z'imishyikirano y'amahoro no mu gihe cyose yabaga DDR yakomezaga kuvugwaho nk'uburyo bwiza kandi bworoshye bwo guhosha amakimbirane. Ikibazo k'imibare ndetse



***Abitabiriye umuhango wo gusezerera abari abasirikare bari mu byishimo i Duha mu 2007***

n'uburyo bwo gukomeza kuba hafi y'abavuye ku rugerero kugira ngo bakomeze kubaho bishimye. Ibyari bitegerejwe kuri icyo kibazo byari byinshi (cyanecyane ku bwoko n'agaciro k'ibyo abo basubijwe mu buzima busanzwe bagombaga guhabwa). Icya kabiri cyari gikomeye ni uko impande zombi zarwanaga zasetaga ibirenge mu kwitabira iyo gahunda yo kuvanga ingabo bitewe ahanini n'uko Leta y'u Rwanda yari yaragaragaje kuva kera kutishimira no gutesha agaciro indangagaciro za FPR/APR.



***Kompanyi ya muzika ya RDF iririmbira abitabiriye umuhango wo Kwibohora 25***

Mu gihe FPR/ APR yabaga ishyize hamwe mu yandi mashyaka ya politiki no mu ishyaka ryari ku butegetsi bo babaga baryana bityo bigatuma iyo gahunda yo kugaruka mu gihugu igorana. Mu gihe ubunararibonye bw'impunzi bwari bwaramaze kwereka FPR/APR ko ibibazo bishingiye ku moko ya Hutu, Tutsi, Twa ari nta gaciro byari bifite kubera ko ibihugu byabakiriye byabitaga bose abanyarwanda nta kubavangura. Leta yariho icyo gihe yo yari yaragize ubwoko iturufu ikomeye ya politiki yayo ndetse inabishingiraho mu byerekeranye n'imibereho myiza n'ubukungu by'abanyarwanda. Amacakubiri yacaga ibintu ari na ko umuryango mpuzamahanga ukomeza kwerekana ko byari kuba byiza iyo impande zari zihanganye zigera ku masezerano agahosha amakimbirane.

Kumva neza gahunda yo kugaruka mu gihugu mbere ya Jenoside yakorewe Abatutsi byari bishingiye cyanecyane ku gukora igisirikari kimwe bikumvikana gake ku gusubiza mu buzima busanzwe abagombaga kuba bavanywe mu gisirikari. FPR na Leta y'u Rwanda ntabwo bumvikanaga ku buryo bwo guhitamo abasirikari bato ndetse n'abasirikari bakuru bagombaga kuvanwa mu gisirikari, uburyo bwo kubasubiza mu buzima busanzwe, ndetse n'uburyo umutekano wagombaga gucungwa mu gihe cyo kugabanya no gusubiza mu buzima busanzwe abo basirikari. Ni muri urwo rwego mu gihe cyo gushyiraho Leta y'Ubumwe bw'igihugu cyari kegereje, impande zarwanaga zakomeje kongera umubare w'abasirikari. Ariko ibyo nta gaciro byari bifite kuko….

**«Amasezerano ya Arusha, amasezerano y'amahoro yashyizweho umukono muri Kanama 1993 hagati ya Leta y'u Rwanda na FPR yabaye amwe mu masezerano yabayeho yapfubye ku buryo bukomeye : Bikaba byaratugejeje kuri Jenoside.»**

Umuryango Mpuzamahanga wagombaga gufasha muri gahunda ya DDR utanga ingabo zitagira aho zibogamiye, na wo waratsinzwe. Leta y'Inzibacyuho ntiyigeze ijyaho. Ahubwo icyakozwe ni uko habaye Jenoside yakorewe Abatutsi.

**Gusezerera abari abasirikari no kubasubiza mu buzima busanzwe nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi**

Izari ingabo za APR zafashe Kigali tariki ya 4 Nyakanga 1994 zibohora u Rwanda mu maboko y'abicanyi bakoze Jenoside yakorewe Abatutsi. Byasabye byinshi! Intambara yari yarasenye ibikorwaremezo nzamurabukungu byose n'ibindi bikorwa bya Leta byashoboraga gutuma ubukungu buzamuka. Nyuma yo gutsinda izari ingabo z'u Rwanda, icyo gihe benshi bari biteze ko Leta nshya izirengagiza ibyo yari yiyemeje birebana na DDR. Igihugu cyongeye kwisuganya mu rwego rwa politiki bigizwemo uruhare na Leta nshya y'Ubumwe bw'igihugu yari imaze kujyaho. Abari abasirikari ba Leta yatsinzwe batari baragize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi, kandi bari babifitiye ububasha bashyizwe mu gisirikari gishya k'igihugu. Intumbero ya DDR nyuma ya jenoside ntiyari igishingiye cyane ku kuvugurura urwego rw'umutekano ahubwo yari ishingiye ku nyota yo kubaka amahoro n'ubwiyunge. Ariko rero ntiyaburaga guhura n'ibibazo kuko:

- Ibikorwaremezo bya politiki byari byarasenyutse
- Let nta mutungo nta n'abakozi bahagije yari ifite
- Ingaruka za Jenoside yakorewe Abatutsi zari zikiri mbisi mu mitwe y'abacitse ku icumu
- Hari igihiriri cy'abanyarwanda bahungukaga bamwe ari nabwo bwa mbere bakandagije ikirenge cyabo mu gihugu. Ntabwo rero byari kuba byumvikana ukuntu Leta yari guhita itangira gahunda yo gusezerera no gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare.

Mu 1997, hashize imyaka itatu Jenoside yakorewe Abatutsi ibaye, Leta yashyizeho Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no Gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare. Ni muri icyo gihe kandi abahoze ari ingabo za Leta yatsinzwe bageragezaga gucengera no guteza umutekano muke mu gice cy'Amajyaruguru ashyira Uburengerazuba bw'igihugu… ibi bikaba

bigaragaza ko bitihutirwaga ko abasirikari batangira gusubizwa mu buzima busanzwe. Leta y'Ubumwe bw'Igihugu ntiyahwemye gukoresha ayo mahirwe yari ibonye bitewe n'icyo kibazo. Amahoro amaze kugaruka amafaranga yagendaga ku ngengo y'imari y'umutekano yaragabanutse bituma haboneka ayo gushora mu bindi bice by'ingenzi by'ubuzima bw'igihugu binatuma ingabo z'igihugu zitangira kuba ingabo zikora kinyamwuga.

**"Mu gihe cyo gutangira gusezerera abari abasirikari nari ku kazi mu Mutara. Twumvaga hahwihwiswa ko hari abagiye gutangira gutaha. Badukusanyirije ahantu hamwe batubwira ibintu byinshi...ariko cyanecyane uko tugomba kubana n'abaturage basanzwe, kugira ngo tutazaharabika isura nziza ya APR... ubwo baduhaye amafaranga...ndakeka ibihumbi ijana na makumyairi cyangwa ibihumbi ijana na mirongo inani, ntabwo mbyibuka neza hashize igihe kinini.**

**Nkimara kubona ayo mafaranga twagiye kwishimisha hamwe n'inshuti...icyo gihe mu gihugu nta kintu cyarimo...n'abaturage basanzwe bajyaga gufata ibyo kurya kuri za Segiteri!**

**Kubera ibyishimo by'uko twatsinze intambara! Ntabwo twigeze tureba kure! Numvaga nzabona amayero ibihumbi cumin a kimwe ku kwezi none bampaye gusa ibihumbi ijana na makumyabiri!"**

**Jean Damascène wahoze muri RPA**

DDR mu Rwanda yari yihariye. Nta kirebana no kwambura abantu intwaro cyarimo, nta kirebana no gukusanya, kwandika, gucunga, gusenya intwaro, amasasu, gusenya ibisasu. Mbese iki gikorwa cyo gusezerera no gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare cyari gitandukanye n'ibindi nk'ibi dusanzwe tuzi biyoborwa n'Umuryango w'Abibumbye. Mu Rwanda ni Leta yabyikoreye hanyuma abafatanyabikorwa bayo batanga inkunga y'amafaranga gusa.

Akenshi DDR yibanda ku bikorwa byo gushaka umutekano yambura abahoze ari abarwanyi intwaro. Ntiha agaciro cyane ibyerekeranye no kubasubiza mu buzima busanzwe. Ku rundi ruhande RDRP yita cyanecyane ku gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare. Uko gahunda igenda itera imbere, binashingira ku mibereho myiza n'ubukungu by'abari abasirikare no ku buryo bwo gutunganya umusanzu wabo mu iterambere ry'igihugu. Inyota y'uko icyo gikorwa cyo gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare, yatumye hashyirwaho uburyo rusange bwo gusubiza abari abasirikari mu buzima busanzwe, biha ububasha n'ubushobozi abafatanyabikorwa bo ku nzego z'ibanze kugira ngo bafashe muri icyo gikorwa.

Ikiciro cya mbere k'iyi gahunda gitangira mu 1997 kugera mu 2001 cyarebaga abasirikari 18.692 bo mu ngabo z'igihugu z'ubu. Ikiciro cya kabiri cyatangijwe 2002 kirangira mu 2009 cyari kigenewe abasirikari bagera ku 20.000 ba FPR n'abandi 25.000 bari bavuye hanze y'igihugu.

Mu gihe cyo gusubizwa mu buzima busanzwe buri musirikari yabonaga amadolari 120. Babonaga kandi ibikoresho byo mu rugo by'ibanze nk'ibiringiti, amasafuriya, ibikombe, amasahani n'amasuka. Uretse abasirikari bo mu ngabo za Leta n'abahoze ari abasirikari ba Leta yatsinzwe batijanditse muri jenoside babonaga imperekeza ingana n'uko amapeti yabo yabaga angana. Ni muri urwo rwego umusirikari muto yahabwaga amadorari 180 na ho uwo

ku rwego rwa Colonel (Koroneri) agahabwa amadolari 820. Mu ntangiriro amafaranga bayahabwaga mu ntoki inshuro ebyiri. Aya mbere bayahabwaga nyuma y'amezi atatu basubijwe mu buzima busanzwe. Ababonye ayo mafaranga bwa mbere ntabwo bayakoreshaga neza. Ibyo byatanze isomo rikomeye kuri gahunda ya DDR. Uko iminsi yagiye yisunika abari abasikare bagiye bahabwa aya mafaranga biciye kuri banki nyuma yo kubibakangurira. Ikindi cyagaragaye kandi ni uko guha amahugurwa abari abasirikare byashoboraga gutanga umusaruro kurusha kubaha amafaranga.

Mu yandi masomo yavuyemo ni uko gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare bigomba kugendana n'ubushobozi, by'umwihariko hamwe n'amatsinda yihariye nko gufasha abafite ibibazo byihariye, guha ubufasha bwihariye abari abasirikare bamugariye ku rugamba, byanashoboka hakanafashwa n'abashakanye n'abari abasirikare bamugariye ku rugamba.




Hashize igihe gufasha amakoperative bibaye intego nyamukuru mu gusubiza mu buzima busanzwe abavuye ku rugerero mu rwego rw'ubukungu n'imibereho myiza. Gahunda yo gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare yatumye habaho gusubizwa mu buzima busanzwe mu mahoro ku bahoze ari abarwanyi kandi bituma igihugu gitera imbere mu rwego rw'ubukungu. Gahunda zo kubaka imihanda n'ibiraro byahanze imirimo mishya bituma babona akazi barakora. Ubu abari abarwanyi baratanga umusanzu wabo mu bice byose by'ubukungu bw'igihugu.



*Umuhanda wo ku kiyaga cya Sake mu karere ka Ngoma wubatswe n'Inkeragutabara*

Mu gihe u Rwanda rwizihizaga isabukuru y'imyaka makumyabiri n'itanu yo kwibohora, abahoze mu mitwe yitwaje intwaro bishimiye uburyo basubujwe mu buzima busanzwe. Bishimiye kandi uburyo bamwe mu bahoze mu ngabo zatsinzwe bashyizwe mu gisirikari gishya cya RDF nk'igikorwa k'indashyikirwa cyubatse Ubumwe bw'igihugu.

....mu gihe hari igihe intambara y'abacengezi yashyize umunyu mu bikomere bya jenoside yakorewe abatutsi... sinzibagirwa uburyo FPR yanjyanye mu bitaro imvura ibikomere nari mfite iranangaburira...kandi narayirwanyaga...Guhera ubwo nahise mbona ko batari abantu basanzwe.

Hakizimana, wahoze ari umucengezi

***Mwaramutseho… Murakoze kuduha umwanya wanyu kugira ngo tuganire… Twashakaga ngo mudusangize inararibonye yanyu ku byerekeranye n'uko Komisiyo icyura ikanasubiza mu buzima busanzwe abavuye ku rugerero.***

Nitwa Ildephonse Nshimiyimana navuye ku rugerero mu mwaka wa 2003 ndakeka hari mu kwezi k'Ukuboza.

***Baguhisemo gute kugira ngo usubizwe mu buzima busanzwe? Ese abandi basubijwe mu buzima busanzwe bahiswemo mu buryo bumwe nawe?***

Kuri njye byari ngombwa ko nsubizwa mu buzima busanzwe. Nari naramugariye ku rugamba mu by'ukuri byaragaragaraga ko nari naritangiye igihugu cyanjye uko nshoboye. Hanyuma nshyirwa mu bantu bagomba gusezererwa. Hari ibigenderwaho rero byinshi kugira ngo umuntu asubizwe mu buzima busanzwe. Hari ababa bafite ibibazo birebana n'imiryango yabo, hari abahitamo kuva mu gisirikari ku bushake….nk'uko namwe mubibona igihe urugamba rwatangiraga hari abantu benshi batari abasirikari bahisemo kuza ku rugamba ku bushake bwabo. Abandi ntibari bujuje ibyo igisirikari gishya cyagenderagaho bikaba ngombwa ko basabwa kuva mu gisirikari. Hari n'ababaga bashaje bigaragara ko batagishoboye gukora imirimo ya gisirikari. Ariko uko bimeze kose babanje kutumenyesha ko tuzakurwa mu gisirkari banadusaba gutangira gutegura aho tuzerekeza.

Umunsi warageze batujyana i Duha, Muhazi. Hari ikigo bigishirizagamo abagiye gusubizwa mu buzima busanzwe. Twahamaze ibyumweru bibiri. Bamwe muri twe bari bafite ubumuga bashyirwa mu byiciro… hanyuma batangira kutubwira ibidutegreje nk'abantu bagiye gusubira mu buzima busanzwe… ko tugomba gukomeza kurangwa n'ikinyabupfura… batubwira ko n'ubwo dusubiye mu buzima busanzwe igisirikari kidakwiriye kudusibanganamo.

Ibyumweru bibiri byarangiye vuba …. Wasangaga dufite ubwoba bwa gusubira mu buzima busanzwe. Habayeho ibirori byo kudusezeraho baraturekura turataha. Baduhaye amafaranga hanyuma dusubira iwacu. Icyari kigoranye kurushaho ni uko tutabonaga neza aho tuzatangirira ubuzima bushya… nta gitekerezo na kimwe wasangaga umuntu afite ku hantu azatura, icyo azakora…!

***Tubwire ku kibazo cy'amafaranga…..***

Amafaranga baduhaye ntabwo yari ahagije kandi twari dukeneye ibintu byinshi. Twari twanayakoreshejeho mu minsi ibiri ya mbere kuko muri icyo gihe twari dufite imyumvire ko amafaranga umuntu abonye bwa mbere ayarya agashira ngo kubera ko yabaga yaravumwe! Ubwo rero wamaraga kuyabona ugahamagara bagenzi bawe mukishimana akarangira.

Inshuro ya kabiri amafaranga yaje asa n'aho akerewe yari amafaranga baduhaye y'agashimwe k'ibyo twakoreye igihugu, yaje nyuma y'amezi atatu niba mbyibuka! Ariko na none ntabwo twayakoresheje neza. Bayitaga imperekeza. Cyari igihembo cy'uko twakoreye igihugu neza… Ntabwo twigeze tuyakoresha neza ngo tuyagirire igenamigambi rinoze ry'ejo hazaza, twarayatagaguje, twari twizeye ko bazaduha andi.

***Mwinjiye mute rero muri iyi gahunda yo gusubizwa mu buzima busanzwe?***

Mu ntangiriro byari bigoye! Nahoraga nimuka buri gihe ngerageza gukora utuntu twinshi tutandukanye. Ariko ubungubu ndaho ndatuje. Nkora ubucuruzi butobuto. Ndubatse mfite

umugore n'abana kandi bari mu ishuri. Ubu dufite koperative idufasha cyane, mu by'ukuri ndashimira Leta y'u Rwanda kubera inkunga ihora iduha ibinyujije muri Komisiyo.

***Iyo ugerageje kubitekerezaho se wumva wicujije? Ubona ute ukwibohora?***

Ntabwo nicuza na gato ...nishimiye kuba naratanze umusanzu wanjye mu kubohora kino gihugu kandi nshimishwa cyane n'uko abandi baturage babyishimira bakanadushimira. Naho kuba mfite ubumuga ntacyo bintwaye kuko nashoboraga no kumugarira ahandi nko mu mpanuka.

Nitwa Sadiki…. Sadiki Mukantwari ndi uwo mu kiciro cya 16B, twavuye ku rugerero mu mwaka wa 2013. Twamaze ibyumweru bibiri i Duha, mbere y'uko dusubira mu buzima busanzwe. Twahawe amakuru menshi yerekeranye no gusubira mu buzima busanzwe. By'umwihariko kuri njye nakomeje kujya mbona amakuru y'umuryango wanjye…mbese nta kibazo nigeze ngira. Abavuye ku rugerero mbere yacu bize byinshi mu buzima bihereye ku makosa bagiye bakora… twabyita ko batubereye akabarore… mbese batubereye urugero!

Nanjye mbana n'ubumuga banshyize mu kiciro cya II. Mbere ikibazo abajyaga gusubizwa mu buzima busanzwe babaga bafite ni uko batategurirwaga neza gusubira mu buzima bwa gisiviri. Yego nibyo tumara ibyumweru bibiri badutegura gusubira mu buzima busanzwe ariko ntabwo tuba tuhigiye byinshi. Iyo usubiye mu buzima busanzwe muri rusange wowe uba ufite uburyo bwihariye wumvamo ibibazo. Hanyuma rero iyo hari ibitagenze neza ukumva utangiye kugira ipfunwe. N'abantu bagatangira kuguha urw'amenyo! Ngo dore Afande wananiwe! Ariko uko iminsi igenda yisunika ugeraho ukabyemera.

***Ntabwo bisanzwe ko abagore bajya ku rugerero. …ni gute wowe wagiye mu gisirikari?***

Hhhh! Ibyo uvuga nibyo! Abagore ntabwo bari benshi igihe najyaga mu gisirikari. Nanjye ubwanjye sinakekaga ko nakijyamo… umuntu wantwaye ntiyigeze anyerurira ngo ambwire ko anjyanye mu gisirikari cya RPA. Nari mu mwaka wa kabiri wa Kaminuza. Maze kumenya ko turi ku ntambara ntacyo nari nkibashije gukora… narihanganye n'ubwo bitari byoroshye ku muntu w'umugore ariko bagenzi banjye b'abagabo twakoranaga baranyumvaga nta kibazo.

Rero gusubira mu buzima busanzwe ntabwo ari ibintu byoroha… cyanecyane ku mugore wari umusirikare. Abantu baba bafite uburyo bagufata nk'aho mbese utandukanye n'abandi; nkanjye nasize umwana njya ku rugamba …byari bigoye kongera guhura na we ariko ubu nta kibazo.

Ndakora kandi dufite na koperative aho dukorana n'abasiviri. Ibyo bikorwa biduha ikerekezo ndetse n'impamvu yo kubaho. Abaturage bagezi bacu bazi ko turi abantu bafite ikinyabupfura kandi batugirira ikizere, njyewe nari umwe mu bagize Inama Njyanama ku rwego rw'Akagari kandi maze kurangiza manda ebyiri.

***Watubwira iki ku iterambera ryo gusubiza mu buzima busanzwe abavuye ku rugerero…?***

Abavuye ku rugereo ba mbere bagize ubuzima bugoye. …Bakomeje kugenda bagira ipfunwe ariko cyanecyane abo ubuzima bwabihiye. Ariko uko ibihe byagiye bisimburana

isura abahoze ari abarwanyi bari bafite yagiye iba nziza. Ibi byagizwemo uruhare rukomeye na Komisiyo n'abayobozi bo mu Nzego z'Ibanze hamwe n'imyitwarire y'abari abasirikare basubijwe mu buzima busanzwe. Ubu natwe turimo turagira uruhare ku iterambere ry'igihugu cyacu biciye mu matsinda atandukanye turimo.

Njyewe ubwanjye ndashimira Komisiyo ku bw'amahirwe menshi yagiye iduha. Ubu mfite inzu ntuyemo, nkorera muri koperative ndetse twabonye n'igihembo mu minsi ishize. Dukorana na Zigama CSS ku buryo iyo dufite ikibazo cy'amafaranga dushobora kujyayo kwaka inguzanyo.



***Inkeragutabara zifatanyije n'abasivili mu kubaka amaterasi y'indinganire***



# Gushimangira imibanire y'abantu biciye muri siporo

## Ibikorwa bya siporo bya RDRC mu mwaka wa 2019 byarangiye neza!



*Umuyobozi wa RDRC aha igikombe ikipe yegukanye shampiyona y'amahoro 2019*

Ibikorwa bitandukanye bya siporo byagaragaye nk'imwe mu nzira zakwifashishwa kugira ngo himakazwe amahoro n'umubano w'abantu cyanecyane mu giturage. Komisiyo y'Igihugu yo Gesezerera no Gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare itegura buri mwaka ibikorwa bya siporo mu rwego rwo gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare. Ibyo bikorwa bihuza abaturage basanzwe n'abahoze ari abarwanyi. Uyu mwaka wo wabaye ikinyuranyo. RDRC yateguye amarushanwa yatangiriye ku rwego rw'Uturere muri Mata 2019.

Tariki 27 Nyakanga 2019, amarushanwa yasojwe n'umukino w'umupira w'amaguru wahuje Akarere ka Kayonza n'Akarere ka Nyabihu kuri Sitade ya Kigali i Nyamirambo. Uwo mukino wahuruje abantu benshi bari baje kwirebera uburyo wari urimo ishyaka. Umukino warangiye Kayonza itsinze Nyabihu ku bitego 2-1; hanyuma abanyacyubahiro batanga igikombe cy'uyu mwaka wa 2019 n'imidari.

Mbere yaho kuri Sitade Amahoro y'i Remera, indi mikino yari yahabereye. Yari ihurije hamwe abari abasirikare bamugariye ku rugamba. Bakinnye imikino itandukanye harimo: échec, sitball, fléchettes, basketball bicaye mu tugare.




*Ikipe ya Kayonza niyo yegukanye igikombe cya shampiyona y'amahoro 2019*



"Iyi mikino tuyiha agaciro gakomeye, twaritoje bihagije none turatsinze. Ibi biduha amahirwe yo kurushanwa no guhura n'andi makipe", ibi byatangajwe n'umwe mu bari bitabiriye iyi mikino wakinnye umukino wa basketball ari mu kagare.




***Abamugariye ku rugamba baserutse muri shampiyona y'amahoro 2019 bakina umukino wo kurasa ku ntego***

Amakipe yishimiwe bikomeye n'abarebye iyo mikino kandi abarushanwaga barabyishimiye cyane.

Siporo ni kimwe mu bituma abantu bashobora kubana neza nta kuvangura. Kuri bari abasirikare bamugariye ku rugamba ni umwanya wo kurushaho kwibona mu bantu, kwiyubakamo ikizere, kwigizayo indwara zishobora guterwa no kwigunga n'izindi nyungu zo mu rwego rw'ubuzima kuko umuntu nibura aba yanyeganyeze. Binyuze muri siporo, burya abayitabiriye bahungukira izindi ndangagaciro zishingiye ku bunyangamugayo, ikizere, umuco wo gukunda imikino, ubusabane hagati y'uyikora n'abayobozi ndetse no hagati ye n'ubuzima.



# Gusangira ubumenyi, Kubaka ubushobozi mu rwego rwo kwimakaza amahoro:

## Inama yahuje RDRC/JICA ku kwimakaza amahoro yabereye i Kigali




***Abantu banyuranye bitabiriye amasomo karishyabwenge ku kubaka amahoro 2019***

Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no Gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare (RDRC) ifatanyije n'Ikigo cy'Abayapani Gishinzwe Ubutwererane Mpuzamahanga (JICA) bateguye amahugurwa y'iminsi ibiri kugira ngo basangire ubumenyi n'ubunararibonye ku kwimakaza amahoro no gusubiza mu buzima busanzwe abamugariye ku rugamba. Amahugurwa yabaye tariki 28 Gashyantare 2019 muri Palais des Congrès i Kigali. Aya mahugurwa yitabiriwe n'abantu baturutse muri Afurika yose ndetse n'abanyarwanda baturutse muri za Minisiteri, mu Nzego z'Ibanze, ndetse n'abari abasirikare bamugariye ku rugamba.

Amahugurwa ku kwimakaza amahoro ni indi ntambwe mu bufatanye busanzwe buri hagati ya JICA na Komisiyo yo Gusezerera no Gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare. Ubu bufatanye bwatangiye mu mwaka wa 2005 hamwe na JICA ifasha cyanecyane mu gusubiza mu buzima busanzwe abasirikari bamugariye ku rugamba guhera 2005-2008. Uyu mushinga wakurikiwe n'undi wo « Gutanga amahugurwa ku murimo no kubona akazi bifasha abari abasirikare n'abandi bantu bamugaye 2011-2014 ». Nyuma yaho, RDRC na JICA bakurikiranye ndetse banafasha abagenerwabikorwa b'uyu mushinga mu gusubira mu buzima busanzwe.

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Porofeseri Anastase Shyaka, wari umushyitsi mukuru mu ijambo rye afungura aya mahugurwa, yavuze ku kamaro kayo, agira ati ***«Uyu mwaka wa 2019 ni umwaka tuzizihizamo isabukuru y'imyaka 25 Jenoside yakorewe abatutsi***

***ihagaritswe. Ni ibintu by'ingenzi rero kandi bifite icyo bivuze gukora aya mahugurwa ku kwimakaza amahoro uyu mwaka. Sindi butinde cyane ku kamaro ko gusangira ubunararibonye n'inyigisho abantu bakura mu bihugu bivuye mu makimbirane kugira ngo byubake amahoro kandi biniteza imbere.»***



***Amasomo karishyabwenge ku kubaka amahoro yitabiriye n'abaturutse mu bihugu binyuranye bya Afurika ndetse n'abo mu Rwanda***

Abwira abari bitabiriye amahugurwa, Madamu Mukantabana Serafina, Umuyobozi wa Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no Gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare, yashimiye abitabiriye aya mahugurwa ndetse n'abafatanyabikorwa muri gahunda yo gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare. Asobanura impamvu yatumye aya mahugurwa abaho kandi akabera mu Rwanda. Uyu muyobozi yavuze ko ari ukubera umusaruro wagaragajwe na gahunda ireba abari abasirikare bamugariye ku rugamba.

*«U Rwanda rwatoranyijwe kwakira aya mahugurwa yo kwimakaza amahoro kugira ngo rusangire ubunararibonye n'abandi muri gahunda yo gusezerera no gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare bamugariye ku rugamba. Turashaka kwerekana uburyo u Rwanda rwabashije kurenga ingorane za nyuma ya Jenoside.»*

*...Aya mahugurwa ku kwimakaza amahoro azatubera urubuga kugira ngo dusangire amasomo twavanye mu bufatanye hagati yacu nka Komisiyo na JICA mu rwego rwo gufasha abari abasirikare bamugariye ku rugamba ndetse n'abandi bantu bafite ubumuga»*

**Umuyobozi wa RDRC**

RDRC yafashwe nk'urwego rw'ikitegererezo. Ubumenyi bwimbitse ndetse n'ubunararibonye bushingiye ku myaka myinshi imaze ikora, byatumye gahunda yo gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare bamugariye ku rugamba igenda neza.

Uwari ahagarariye JICA, Eri Komukai, Umujyanama Mukuru mu byerekeranye no kwimakaza amahoro, yashimiye abitabiriye aya mahugurwa ndetse anagaruka ku ntego y'ubu bufatanye.

*«Twashakaga guteza imbere gusubiza mu buima busanzwe abahoze ari abarwanyi bamugariye ku rugamba; twatekerezaga ko bafite ingorane nyinshi mu gusubira mu buzima busanzwe kubera ko bari bafite ubumuga butandukanye. Bamaze kubona ubushobozi, bashobora kuzagira amahirwe yo gusubira mu giturage nta kibazo. Niyo mpamvu rero twibanze ku bafite intege nke kurusha abandi.»*

*Yakomeje avuga ati «JICA yishimiye ibyagezweho. Kugeza ubu tuzakomeza kuza mu Rwanda kugira ngo dusure abahawe amahugurwa yo kubigisha uko bahindura ubuzima bwabo, uko bameze, kandi dusangiye ubwo bunararibonye n'abandi. Iyi mishinga ibiri ifite uruhare rukomeye ku mibereho myiza y'abagenerwabikorwa no ku kwimakaza amahoro.»*




***Amahugurwa yayobowe n'inararibonye zo mu rwego rwo hejuru baganira ku kubaka amahoro muri Afurika***

Umunyamabanga Mukuru wa Komisiyo yo Gusezerera no Gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare, Bwana Francis Musoni, yahishuye ibanga ryatumye gahunda yo gusezerera no gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare itanga umusaruro. Yasobanuye ko amahugurwa yahuje RDRC na JICA ku kwimakaza amahoro yari afite intego nyamukuru yo gusangira inyigisho zavuye mu mikorere myiza yo gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare bamugariye ku rugamba n'imbogamizi zigaragara mu bwiyunge no kwimakaza amahoro.

Ibyavuye muri ayo mahugurwa byatanze umusanzu ukomeye mu nama ya 7 mpuzamahanga ya Tokyo ku iterambere rya Afurika, yabereye Yokohama tariki ya 29 Kamena 2019 nk'umusanzu mu biganiro byo kwimakaza amahoro n'umudendezo.

***Ndashimira Leta y'u Rwanda kuba yarashyizeho uburyo bwo kwimakaza amahoro. Ibyo rero nize muri aya mahugurwa bizagirira akamaro igihugu cyange. Gusubiza mu muzima busanzwe abari abasirikare ni ingingo y'ingirakamaro cyane mu kwimakaza amahoro.***

*Kou Ayuen Kou Dut, uwaturutse muri Sudani y'Epfo*

# Inkunga ya RDRC ku makoperative mu gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare mu rwego rw'imibereho myiza n'ubukungu

## Kugaragaza amahirwe, no kongera ubushobozi




***Umunsi w'ibihembo 2019 ku makoperative y'abari abasirikare***

Muri Mata uyu mwaka wa 2019, RDRC yatangije ibikorwa ku rwego rw'igihugu kugira ngo ifashe amakoperative y'abari abasirikare.

RDRC na Leta y'u Rwanda bemera neza ko ari byiza kubyaza umusaruro imibanire myiza abantu baba bafitanye biciye mu makoperative agamije guteza imbere imibereho myiza n'ubukungu. Ubukangurambaga bwakorewe abari abasirikare bukozwe na Komisiyo, n'ubukangurambaga bwakorewe abaturage bukozwe na Leta y'u Rwanda bwatumye habaho kwiyongera kw'amakoperative ku buryo bugaragara kandi n'abanyamuryango bayo bariyongera ku buryo bageze kuri miriyoni 5 z'abanyarwanda. Amakoperative nk'uburyo bwo guhindura imibereho y'abanyarwanda afatwa na Gahunda y'Igihugu yo Guhindura imibereho nk'ikintu k'ibanze n'umwanya wo kugira ngo abaturage babigiremo uruhare bafatanyije na Leta.

Ubukangurambaga n'ubushake bwo kuba muri koperative byatumye amakoperative yiyongera n'abayarimo bariyongera. N'ubwo ariko hariho ubwo bwiyongere amakoperative aracyahura n'imbogamizi zitandukanye mu rwego rw'imiyoborere, ndetse n'abakozi kugira ngo barangize neza akazi kabo. Ubu imbaraga zirashyiwamo kugira ngo zirusheho kunozwa kandi kongera gusubiramo imiterere yazo byatumye haboneka koperative zigeze ku 100 zifashwa na Komisiyo.

## Kureba uko amakoperative ahagaze

Muri Mata 2019, RDRC yatangiye gahunda yo kureba uko amakoperative ahagaze kugira ngo iyafashe kureba ahari imbogamizi ndetse n'andi mahirwe abari abasirikare babona. Mu bibazo byagaragajwe na Komisiyo harimo ibirebana n'icungamutungo. Nyuma y'iyi gahunda, amakoperative yashyizwe mu byiciro hanyuma ayakoze neza ahabwa ibihembo ku munsi mukuru w'amakoperative muri Gicurasi.



***Abanyamuryango b'amakoperative mu masomo karishyabwenge mu karere ka Ruhango mu 2019***

Hashingiwe ku byagaragajwe ku makoperative byerekeranye n'ibibazo ndetse n'ubushobozi mu birebana n'imicungire y'amakoperative, RDRC yateguye amahugurwa y'icyumweru kugira ngo ikomeze kuzamura ubushobozi bw'amakoperative. Ayo mahugurwa yabereye mu Ntara zose ahuza amakoperative 50. Aya mahugurwa yateguwe ku bufatanye n'Urwego rw'Igihugu Gishinzwe Amakoperative (RCA), n'Ikigo k'Igihugu cy'amakoperative, guhanga umurimo n'ibigo by'imari iciriritse (RICEM); na ho gahunda yigishijwe yari ishingiye ku buryo bwo gucunga amakoperative, gushaka amasoko y'ibikorwa byayo, icungamari ryiza, no gucunga imishinga y'iterambere.

Aya mahugurwa kandi yashingiye ku byo amakoperative akeneye. Kongerera ubushobozi amakoperative y'abari abasirikare yabaye ingirakamaro cyane kandi itanga umusaruro. Mu ntangiriro benshi mu bari abasirikare nta bushobozi n'ubumenyi bari bafite mu byerekeranye no gucunga amakoperative. Mu gihe cyashize, imbogamizi z'ingezi zari ubuyobozi bw'amakoperative no kumva ko amakoperative ari ayabo ndetse no kuyacunga kinyamwuga.

## Amahugurwa ku gushimangira ubushobozi bw'amakoperative

*"Twasabye komisiyo kugira ngo ibyaze umusaruro aya mahugurwa. Turishimye cyane kandi twabyungukiyemo. Ingoranze ya mbere twari dufite kwari ukumenya uko twakora imishinga ibyara inyungu… Twabonye igishoro kingana na miriyoni mirongo itandatu z'amafaranga y'u Rwanda ariko twagiraga ubwoba bwo*

*kuyashora mu mishanga kugira ngo atazahomba. Tuzava muri aya mahugurwa dufite imishinga kandi yizwe neza. Turashimira cyane RDRC na RICEM kubera aya mahugurwa."*

Amahugurwa kandi yabaye umwanya mwiza ku makoperative atandukanye kugira ngo yungurane ibitekerezo ku ngorane ahura na zo n'ibisubizo byashakirwa izo ngorane. Ingorane zagaragaraga zari ubwoba bwo gutinya guhomba (kubera ikibazo cy'ubushobozi buke), kubura igishoro, ibibazo by'imicungire y'amafaranga kubera gutinda kwishyurwa (cyanecyane igihe hari ibyo Uturere tugomba kuyishyura), ibisabwa n'ubuyobozi birenze bigatuma gushyiramo abanyamuryango bashya bigorana. Ibi bibazo byose byaganiriweho kandi bibonerwa ibisubizo.

**Amakoperative ni meza. Yatumye tugaragara aduha n'ububasha bwo kumenya kuganira n'abandi mu gihe uri umuntu umwe abantu ntabwo baduhaga agaciro gakwiye. Akazi kacu katumye tugirana ubucuti n'abandi bantu... Ubu nitwe dushinzwe umutekano, ducunga umutekano w'amashuri, uw'ibitaro, n'uw'ahakorerwa ubucuruzi. Turaroba... mbere muri kano karere amafi yari imbonekarimwe ariko ubu abaturage babona amafi nta kibazo. Dufite amasezerano yo gucunga ahari ibimenyetso biranga ahagiye hakorerwa Jenoside yakorewe Abatutsi. Ubu noneho tuzi neza ibyabaye.**

Umusanzu w'amakoperative mu gusubiza abantu mu buzima busanzwe ntabwo akenshi wagiye uhabwa agaciro gakwiriye kubera ko ahari umusanzu ushingiye ku bukungu n'amafaranga ari wo ugaragara cyane. Mu Rwanda umusanzu w'amakoperative mu kubanisha abantu no kubasubiza mu buzima busanzwe ntukwiye guhabwa agaciro gake. Umuzi rero w'amakoperative ushingiye ku gushaka mbere na mbere kureba icyahuza abantu. Abantu batuye hamwe barahura bagashinga ikintu cyazajya kibabyarira umusaruro ku bushake bwabo.



Umusanzu w'amakoperative mu gusubiza abantu mu buzima busanzwe ntabwo akenshi wagiye uhabwa agaciro gakwiriye kubera ko ahari umusanzu ushingiye ku bukungu n'amafaranga ari wo ugaragara cyane. Mu Rwanda umusanzu w'amakoperative mu kubanisha abantu no kubasubiza mu buzima busanzwe ntukwiye guhabwa agaciro gake. Umuzi rero w'amakoperative ushingiye ku gushaka mbere na mbere kureba icyahuza abantu. Abantu batuye hamwe barahura bagashinga ikintu cyazajya kibabyarira umusaruro ku bushake bwabo.

Amakoperative rimwe na rimwe agabana bimwe mu bintu aba atabashije kugurisha ku banyamuryango bayo bityo bikagabanya inzara mu bantu bari muri koperative. Amakoperative yagiye afasha abantu mu bihe by'amage. "Mu gihe hari mugenzi wacu upfushije umuntu tumuba hafi kugira ngo tumufate mu mugongo mu gihe cyo kumushyingura. Iyo hari umwe muri twe ufite ubukwe tuba twiteguye kumutwerera kuko turi umuryango". Koperative zitanga urubuga rwo guhuriramo na bagenzi bawe.

**Koperative IMPUHWE ni koperative ihurije hamwe abari abasirikari bamugariye ku rugamba hamwe n'abasiviri. Twatangiye mu 2010 none twariyandikishije. Dukora ubuhinzi buvanze., dufite inka 22 zitanga amata tugurisha litiro ku mafaranga 250. Tunorora kandi amatungo magufi. Duhinga imboga, cyanecyane inyanya, amashu, puwavro z'icyatsi, tukabigemura mu mahoteri no mu maresitora. Kubera ubuvugizi RDRC yadukoreye twabonye abafatanyabikorwa ku buryo RDF yaduhaye hegitari 33 z'ubutaka dukoreramo ibikorwa byacu. Ushinzwe ubuhinzi ku Karere atugira inama agakurikirana ibikorwa byacu umunsi ku wundi. Undi mufatanyabikorwa na we yaduhaye ipompo isunika amazi. Rwose ibikorwa bya koperative bidufitiye inyungu ikomeye cyane.**

## Umunsi w'amakoperative ....no gutanga ibihembo

Ibikorwa bya RDRC bigamije gutera inkunga amakoperative binyujijwe mu ruhurirane rw'ibintu byinshi. Duhereye ku kureba uko amakoperative ahagaze, noneho hakarebwa ahari intege nke n'ahari imbaraga, hagakurikiraho amahugurwa no gutanga ibikoresho, noneho byose bikarangizwa no guhemba koperative zakoze neza mu Turere twose no mu Mirenge itandukanye. Uyu mwaka umunsi mukuru ntagereranywa wabereye muri La Palisse Nyandungu n'ibihembo ku Turere twose biratangwa. Ku makoperative yatsinze ikibazo ntabwo ari amafaranga yahabwa mu ntoki. Ahubwo ni uguha agaciro imbaraga aba yarakoresheje ndetse n'uburyo yagiye avugurura imicungire ya koperative ku buryo bushimishije.

***"Umwaka ushize turasa n'ababigezeho! Twarase igihembo! Ariko ubu nshimishijwe n'uko twahembwe! Nshimishijwe cyane rwose n'akazi Komisiyo irimo gukora."*** Ibyavuzwe n'umwe mu bagize koperative zahembwe.

RDRC kandi ifasha amakoperative kugeza ibikorwa byayo hirya no hino cyanecyane mu mamurikagurisha y'ubucuruzi. Ibyo byatumye bimwe mu byo ayo makoperative akora bigira aho bihurira na politiki y'igihugu bikaba bigomba guterwa inkunga muri yahunda ya "Made in Rwanda". Inyungu yagaragajwe na RDRC igera no ku makoperative. Mu ntangiriro amakoperative amwe n'amwe ntiyemeraga ko iyo nyungu yashobokaga, yabonaga ko ari igikorwa cyo kugenzura imari gusa. Uko ibintu byagiye birushaho kumera neza, inyungu z'amakoperative zagiye zishyirwa ahagaragara, ziranafashwa, none ubu bimeze neza.

# Igihe cyose twemera ko hari ibidukumira tugomba kubirenga

## Gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare bamugariye ku rugamba

RDRC ishyigikira abari abasirikare bamugariye ku rugamba ibicishije:

Mu bikorwa bibyara inyungu
Mu gutanga inama
Gufasha abari abasirikare bamugaye kurenga imbogamzi zo kuba batagenda
Kubigisha imyuga no kubaha ibikoresho
Kububakira inzu zo gukoreramo
Kubafasha kubona akazi
Gutera inkunga amakoperative
Kugira uruhare mu marushanwa y'imishinga
Kuvugira abafite ibibazo by'ubumuga
Kubafasha kujya mu bikorwa bibaruhura
Ubwishingizi bw'indwara
Amacumbi
Kubaha amafaranga y'ingoboka ya buri kwezi

Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no Gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare (RDRC) ibicishije muri gahunda yayo yo gusezerera no gusubiza mu buzima busanzwe (RDRP) isezerera kandi igasubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare bamugariye ku rugamba nk'itsinda ryihariye, kimwe n'abagore n'abana bafite aho bahuriye n'intambara. RDRC yabikoraga neza na mbere y'uko imvugo mpuzamahanga igira iti "Ntimuzagire umuntu n'umwe mushyira ku ruhande" igenda ikagera mu 2030 nk'imwe mu ntego z'iterambere rirambye.

Ubu RDRC yashoboye gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare bamugariye ku rugamba bagera kuri 3.603 bari mu byiciro bine bishingiye ku buryo mpuzamahanga byo gushyira abafite ubumuga mu byiciro, hashingiwe ku bushobozi bw'umubiri wabo nk'uko byashyizweho n'Umuryango Mpuzamahanga Wita ku Buzima mu 1980. Gushyira abantu mu byiciro by'ubumuga bihera ku bantu bafite ubumuga buhoraho bwo ku rwego rwo hejuru cyangwa se bwo ku rwego rwa mbere kugera ku bumuga buhoraho bugenda buhinduka burimo nko gucika amaguru, kuba impumyi burundu ndetse no gutakaza ubwenge bikabije. Ikibigaragaza ni uko ubwo bumuga bwaba bwarabaye mu gihe cy'intambara cyangwa ariho bukomoka. Iryo tsinda ryihariye ryagendeye ku mpanuro za komisiyo kandi nta ngorane zo gusubiza mu buzima busanzwe zikaze kurusha iz'abari abasirikare.

"Abamugariye ku rugamba bagira ingorane nyinshi, kugira ngo bagere kuri serivisi ndetse no kubaho mu buzima busanzwe. Bagira ingorane z'uko hari aho batagera bitewe n'ubumuga bafite (nko mu mazu amwe n'amwe atarabateganyirije inzira, mu mashuri, kwa muganga, ku mavomo, ku buryo bwo kubatwara, ku mihanda no ku bindi bikorwaremezo). Ibindi bibakumira ni nk'amategeko atabashyira mu bandi bantu, kandi buri gihe bakaba bahora bahanganye n'inyito mbi bahabwa zibapfobya nk'abantu bafite ubumuga, gushyirwa ku ruhande mu bantu n'irindi vangura iryo ari ryo ryose.

RDRC yakomeje kuba ku ruhembe rw'imbere mu gushyira mu muryango nyarwanda abamugariye ku rugamba. Komisiyo isubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare bamugariye ku rugamba kandi ikanabavugira mu buryo butandukanye. Uhereye aho, yabubakiye amacumbi kandi buri kwezi ikabaha amafaranga y'inkunga y'ingoboka yo kubabeshaho; yabahaye ubwishingizi bw'indwara kugira ngo bakomeze kugendana n'abandi. Itegeko No 02/2007 rivuga ku kurinda abahoze ari abarwanyi bafite ubumuga rivuga ibyo bagenerwa kandi ni Komisiyo yariteguye.

...Nibyo tuzi ko itegeko ryagiyeho hashize igihe kandi habayeho impinduka nyinshi...cyanecyane ko amafaranga twari twemeranyije ashobora kuba atagihagije uyu munsi. Ubu turimo gutegura inyigo yo kurisubiramo kandi turizera ko Inteko Ishinga Amategeko izaryemeza.

Mukantabana Selafina, Umuyobozi wa RDRC



***Abamugariye ku Rugamba mu mikino y'amahoro 2019***

# Kubyaza inyungu ubufatanye kugira ngo tubasubize mu buzima busanzwe

## Imbuto zo gushyira hamwe

Komisiyo ibona ko bifite akamaro kwifashisha ubumenyi n'ubushobozi bw'izindi nzego za Leta kugira ngo ubutumwa yahawe bwo gusezerera no gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare. Ni muri urwo rwego Komisiyo yagiye igirana ubufatanye n'abandi bafatanyabikorwa banafite ubushobozi buruseho kugira ngo ibashe gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare.

Ubufatanyabikorwa bufite ingufu bwagaragaje ko ari byiza gushyira hamwe ibikorwa mu nzego zitandukanye.

**Imbuto z'akazi twakoze dukoranye n'abandi zigaragarira mu buvugizi twakoze mu rwego rwo gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare, kandi ubu buryo tukaba tubuha agaciro cyane. Mu kuvugira abantu no kubasubiza mu buzima busanzwe, gukorana n'abandi ni ingenzi cyane. Ntimwibagirwe ko dufite mu gihugu hose abantu ibihumbi n'ibihumbi bari abasirikare, kandi uburyo dufite bukaba budahagije, niyo mpamvu tugomba gukorana n'abandi.**

Ubufatanye n'abandi bwagize akamaro ku nzego nyinshi. Mu ntangiriro z'uyu mwaka, RDRC yakiriye itsinda ryo kwambura intwaro, gusezerera no gusubiza mu buzima busanzwe, gutahuka, no kongera gutuza abari abasirikare (DDR/ RR) rya MONUSCO mu Kigo cyo gusubiza mu buzima busanzwe cya Mutobo mu Karere ka Musanze. Yari inama igamije kurebera hamwe uko habyazwa umusaruro amakuru abari abasirikare mu mitwe yitwaje intwaro bari muri gahunda yo gutegurirwa gusubira mu miryango yabo mu Kigo cya Mutobo batanze. Inama yatanze igitekerezo ko hababo umushinga wo kongera imbaraga mu bukangurambaga burenga imipaka bukagera ku bagize imitwe yitwaje intwaro bakorera mu burasirazuba bwa Repuburika ya Demokarasi ya Kongo.

Kugirana ubufatanye na MONUSCO biha RDRC ububasha bwo kugera ku bakiriya bayo b'imena aribo abagize imitwe yitwaje intwaro ikorera muri Kongo. Ibi kandi bigatuma habaho ubwumvikane hagati y'impande zombi. Ibi byagaragaye muri iyo nama no mu mbwirwaruhame abari bayoboye impande zombi bavuze.

Madamu Mukantabana Selafina, Umuyobozi wa RDRC yashimiye MONUSCO kubera ko yabashije gucyura abahoze ari abarwanyi ibakura muri Kongo. Yagize ati: *"Twishimiye imikoranire myiza iri hagati yacu. Nashakaga gufata uyu mwanya kugira ngo nshimire akazi keza kakozwe mu rwego rwo gucyura abahoze mu mitwe yitwaje intwaro. Nitubasha gutunganya ubutumwa buribwo no kubugeza ku bari mu mitwe yitwaje intwaro bugakoreshwa mu gukangura abakiri muri Kongo; ibi bizatuma bafata ikemezo cyo gutahuka mu gihugu cyabo."*

Bwana Bruno Donat, Umuyobozi wa DDR/RR- CVR muri MONUSCO yashimiye RDRC ku kazi kagaragara yakoze mu Rwanda no mu karere mu rwego rwo gushimangira amahoro no kurwanya amakimbirane. Yiyemeje gukomeza ubukangurambaga ku bagize imitwe yitwaje intwaro mu nyungu y'amahoro n'umutekano by'akarere kose.

Ibikorwa by'ubuvugizi bya RDRC hamwe n'imikoranire n'abandi byoroheje gusubiza mu buzima busanzwe abahoze ari abarwanyi kandi birakomeza gutamga umusaruro.

Intara zimwe na zimwe n'Uturere byubakiye abo bahoze ari abarwanyi amacumbi mu midugudu y'ikitegererezo. Kubaha kandi ubutaka bizatuma basubira neza mu buzima busanzwe mu rwego rw'imibereho myiza n'ubukungu mu gihe bagarutse muri bagenzi babo.

Ubufatanye hamwe na NIDA butuma abo bahoze mu mitwe yitwaje intwaro babona indangamuntu nshya. Ikarita ndangamuntu ifatwa nk'ikintu k'ingirakamaro cyane. Buri gihe iba ikenewe kuri serivisi hafi ya zose za Leta ndetse na zimwe na zimwe zitangwa n'ibigo byigenga… Gufungura konti muri banki, kubona umurongo wa telefone (SIM CARD) n'izindi. Ku bahoze mu mitwe yitwaje intwaro, iyo batahutse, ikarita ndangamuntu iba ikenewe cyane. Ni ikimenyetso cy'ubwenegihugu, kandi Leta iyemerera buri munyarwanda wese.

# Ikiganiro Umuyobozi wa RDRC yagiranye na DemobRwanda



DemobRwanda yagiranye ikiganiro kihariye n'Umuyobozi wa Komisiyo yo Gusezerera no Gusubiza mu buzima busanzwe Abavuye ku Rugerero Madamu Mukantabana Selafina ku kazi CNDR ikora.

***DemobRw**: Murakoze Madamu Muyobozi kuri uyu mwanya muduhaye hanze y'akazi kanyu gasanzwe muba mufite. Mushobora kutubwira muri make ibyo Ikigo muyoboye kimaze kugeraho birebana n'abahoze ari abarwanyi?*

**Umuyobozi wa RDRC**: Murakoze kuba mwitabiriye. Nk'uko mubizi kuva Komisiyo yo Gusezerera no Gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare yashyirwaho, ubutumwa twahawe buragaragara. Ni ugukora ku buryo gusezerera no gusubiza abari abasirikari mu buzima busanzwe haba mu rwego rw'ubukungu no mu rwego rw'imibereho myiza bigenda neza. Nibigenda neza bizatuma amahoro n'umudendezo bigaruka muri kano karere, ariko bizanashimangira umutekano, ubumwe, ubwiyunge n'iterambere ry'u Rwanda. Ubu butumwa bugaragara no mu masezerano y'amahoro ya Arusha. Iyi gahunda yo gusezerera no gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare, mu Rwanda yagenze neza kuko yashyize mu bikorwa gahunda enye ziyigize.

***DemobRw**: Tuvuze ku butumwa bwa RDRC, ntimwavuga ko amasezerano y'amahoro ya Arusha yubahirijwe n'uruhande rumwe bityo ubutumwa ikigo muyoboye cyahawe bukaba bwata agaciro?*

**Umuyobozi wa RDRC**: Nibyo koko Leta ya kera yirengagije aya masezerano ahubwo ihohotera abaturage yari ishinzwe kuyobora…ariko ubutumwa bwacu bufite ingufu mu buryo budasanzwe. Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi, amahoro, ubwiyunge, ubumwe n'iterambere byahindutse indangagaciro n'amahame yo ubwayo yivugira. Leta yacu rero yubakiye ku nkingi z'ubumwe n'ubwiyunge. Kuguma ku ijambo no gukomera ku kubahiriza aya masezerano byari ngombwa. Gushimangira amahoro ni inzira ndende…cyanecyane nyuma y'ibyabaye mu 1994. Iyi nzira iradusaba ko duhangana n'ibintu bitari byiza. Bamwe mu bahoze ari abasirikari ba Leta ya kera bashyizwe mu ngabo z'u Rwanda hagendewe kuri ayo masezerano. Abandi baratashye basubijwe mu buzima busanzwe. Icyo nakubwira ni uko igihe cyose hazaba hakiriho abantu n'iyo baba bake bakiri mu mitwe yitwaje intwaro, umutekano uzaba uri mu kaga.

***DemobRw**: Mu minsi ishize bamwe mu bagize imitwe yitwaje intwaro batahutse bavuye muri Repubulika ya Demokarasi ya Kongo. Mwabakiriye mute? Ntabwo akazi ko kubakira kababanye kenshi?*

**Umuyobozi wa RDRC**: Yego nibyo hatahutse abantu benshi bari bavuye mu mitwe yitwaje intwaro hamwe n'imiryango yabo barenga 1500. Twagize imbogamizi y'ibikoresho ariko bakiriwe neza. Twari tubyiteguye kandi ubu twashyizeho gahunda y'byihutirwa mu gihe twaba twongeye kugira ikibazo

nk'icyo hagahunguka abantu benshi icyarimwe kandi iyo gahunda twayishyizeho ku buryo yaduha umusaruro twifuza. Tubicishije mu bufatanyabikorwa n'imikoranire n'indi miryango ifatanya na Leta natanga urugero ko Minisiteri y'Imicungire y'Ibiza yahoze yitwa MIDIMAR yakoresheje ibigo bya Kijote, Nyarushishi na Nyanza mu kwakira abo bari bahungutse.

Minisiteri y'Imari na yo yaradufashije ku byerekeranye n'amafaranga. Abandi bafatanyabikorwa na bo baradufashije. Ihunguka ry'aba bantu ryaturutse ahanini ku mibanire myiza Leta yacu igirana n'ibindi bihugu. Abakuru b'ibihugu babicishije mu masezerano bagiranye n'uburyo bwo gukurikirana ibikorwa bongeye kwibutsa ko imitwe yose y'abarwanyi b'abanyamahanga bakorera ku butaka bwa Kongo basubira mu bihugu byabo. Abari muri iyo mitwe bari Kisangani, Walungu muri Kivu y'Amajyepfo, na Kanyabayonga muri Kivu y'Amajyaruguru baratashye.

***DemobRw****: Kuri mwebwe ni izihe ngorane zikomeye mwahuye nazo mu gusubiza mu buzima busanzwe abahoze mu mitwe yitwaje intwaro batahutse mu minsi ishize?*

**Umuyobozi wa RDRC**: Abatahuka bafite ingorane nyinshi koko zo gusubira mu buzima busanzwe. Umwe mu batashye avuye muri mitwe yitwaje intwaro yigeze gutebya aravuga ngo ni "ugusubizwa mu buzima budasanzwe". Kuri bo ndabyemera ko ari ubuzima bushya butandukanye n'ubwo bari bamenyereye. Ikiciro cya nyuma cya 65 bamwe mu bahoze ari abarwanyi mu mitwe yitwaje intwaro bari bihariye, kuko bataje ku bushake bwabo. Bari baragiye bashyirwa hamwe mu duce dutandukanye two muri Kongo.

Bari baragiye kera banababaho mu buzima bubi. Abenshi kandi muri bo bari bagifite ingengabitekerezo y'urwango, no kurwanya Leta kandi ishusho bari bafite ku Rwanda yari itandukanye n'ibyo bo babashaga kuvuga. Impamba bahawe na RDRC yahinduye byose. Gusa baracyasigaranye ingorane zijyanye n'imibereho myiza kuko ntibize, nta bundi bushobozi bafite, mbese biragoye. Hari n'abandi rero bazanye abagore b'abanyekongo, batazabasha guhabwa ibintu bimwe na bimwe nka mituweli cyangwa se bashobora wenda kutazakirwa n'imiryango y'abagabo babo. Muri make hari akazi kenshi ko kubakurikirana, no kubaherekeza muri uru rugendo rwo kubasubiza mu buzima busanzwe. Ni urugendo ariko nibumve ko turi kumwe kandi bagire ikizere.

***DemobRw:*** *Murakoze Madamu Muyobozi tuzongere tuganire.*

**Umuyobozi wa RDRC:** Murakoze.